

REPUBLIKA Y'U RWANDA



IBIRO BYA MINISITIRI W'INTEBE

**MINISITERI Y'UBURINGANIRE
N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO**

**IMFASHANYIGISHO IGENEWE AMAHUGURWA
KU IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA**

YATEGUWE NA

**MINISITERI Y'UBURINGANIRE
N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO**

MATA, 2011

IBIRIMO

URUTONDE RW'IMPINAMAGAMBO	4
Ugushimira	5
Iriburiro	7
Amavu n'amavuko	8
Amagambo akunze gukoreshwa (ahanini yavanywe mu itegeko no 59/2008 ryerekeye gukumira no guhana ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda)	10
IGICE CYA 1: INTANGIRIRO	13
Igikorwa 1.1: Ikaze hamwe n'iriburiro.	14
Igikorwa 1.2: Intego y'amahugurwa n'icyo bazayavanamo.....	15
IGICE CYA 2:	19
KUMVA NEZA ICYO IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA ARI CYO	19
Isomo 1.1: Ubusobanuro bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.....	20
Isomo 1.2: Ihuriro hagati y'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina-ubumenyi mu bijyanye n'igitsina Gabo.	30
IGICE CYA 3: UKO IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA RIHAGAZE KU RWEGO RW'IGIHUGU NO KU RWEGO MPUZAMAHANGA	41
Isomo 2.2: Ihohoterwa rishingiye ku gitsina nk'ihutazwa ry'uburenganzira bwa muntu.....	43
2.3 Urwego rw'amategeko mpuzamahanga n'ay'imbere mu gihugu	53
IGICE CYA 4: KURWANYA NO GUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA	55
Isomo 3.1 Ingamba zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.....	56
Gukangurira abagabo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina	56
IGICE CYA 5: GUHUZA, KUGENZURA NO GUSESENGURA IBIKORWA BYO GUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA	64
Isomo 4.1: Ibirango by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.....	65
Isomo 4.2: Ikusanyamakuru, isesengura n'ikoresha ryayo.....	73
Umugereka wa 2: Urugero rw'ingengabihe	75
Umugereka wa 3: Ibitabo byifashishijwe	78

URUTONDE RW'IMPINAMAGAMBO

AIDS.....	Icyorezo cya SIDA
CARE.....	Koperative yo kugoboka n'ubutabazi aho ari ho hose
CD.....	Igikoresho kibika inyandiko, amajwi n'amashusho
CEDAW.....	Amasezerano mpuzamahanga aca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore
e.g.....	Urugero
etc.	N'ibindi
GOR.....	Guverinoma y'u Rwanda
GBV.....	Ihohoterwa rishingiye ku gitsina
i.e.....	Bisobanuye ngo
SGBV.....	Ihohoterwa n'itotezwa rishingiye ku gitsina
TBD-----	Ikigomba n'ikigamijwe gukorwa
HIV.....	Virusi imunga umubiri w'umuntu
MIGEPROF.....	Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango
MINALOC-----	Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu
MINISANTE.....	Minisiteri y'ubuzima
NGO.....	Umuryango utegamiye kuri Leta
NWC.....	Inama y'igihugu y'abagore
RWAMREC.....	Ikigo nyarwanda cy'abagabo baharanira uburinganire
RNP.....	Polisi y'igihugu y'u Rwanda
UN.....	Umuryango w'Abibumbye
UNFPA.....	Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mibereho y'abaturage
USAID.....	Ishami rya Leta zunze ubumwe z'Amerika ryita ku iterambere mpuzamahanga
UNSCR.....	Umwanzuro w'Inama y'umuryango w'abibumbye ishinze umutekano ku isi

Vs.....Kuri

%.....Ijanisha

Ugushimira

Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango yateguye imfashanyigisho igenewe abahugurwa ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu rwego rwo gushyira mu bikorwa politiki y'igihugu yo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina, yashyizweho muri Nyakanga 2011.

Imwe mu ntego z'iyi politiki y'igihugu yo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ni ukwibanda kukudaha urwaho ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ni muri urwo rwego iyi mfashanyigisho yateguwe kugirango ifashe abazahugura abandi ku buryo bwo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Iyi mfashanyigisho y'amahugurwa, igamije guteza imbere impaka n'ikusanyabitekerezo mu bagabo n'abagore, abakobwa n'abahungu kugira ngo babashe gusobanukirwa n'inzitizi zigaragara mu rugamba rwo kurwanya ubusumbane bushingiye ku gitsina n'urwo kurwanya, gukumira no gukemura ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Iyi mfashanyigisho, ni igikoresho cy'ingirakamaro ku bazahugura abandi barebwa no gushyira mu bikorwa iyi gahunda, haba mu Rwanda ndetse no hanze yarwo. Inashamikiye kandi ku zindi mfashanyigisho zisanzweho zateguwe n'inzego zitandukanye za Leta n'iz'imiryango itegamiye kuri Leta harimo UNICEF, CARE international, USAID Higa Ubeho, IntraHealth International na Minisiteri y'ubuzima.

Turashimira byimazeyo kandi umuganda n'inkunga by'abantu ku giti cyabo n'imiryango bagize uruhare mu gutegura iyi mfashanyigisho yo mu rwego rw'igihugu.

Turashimira Madamu Hilde DEMAN, ushinzwe gahunda y'isesengura ku burunganire n'uburenganzira bwa muntu mu Ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku mibereho y'abaturage (UNFPA), Bwana Gad MUGIRANEZA, ushinzwe igenzura n'isuzuma muri Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango (MIGEPROF) na Madamu Egidia RUKUNDO, umuhuzabikorwa w'ihuriro

ry'Igihugu ry'ihame ry'uburinganire, badufashije mu kunoza no kwandukura imyitozo, mu kunonosora no kwegeranya imikoro iri muri iyi mfashanyigisho.

Ariko by'umwihariko, turashima umusanzu w'abafatanyabikorwa batandukanye, wagize umumaro mu guhitamo insanganyamatsiko n'izindi ngingo z'ibanze zifashishijwe mu gutuma iyi mfashanyigisho ishobora gukoreshwa.

Ibi byose ariko, ntibyari gushoboka iyo hatabaho inkunga y'amafaranga yatanzwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mibereho y'abaturage mu Rwanda UNFPA.

Mu gusoza, turashimira by'umwihariko abaterankunga n'izindi nzego tutarondora, zirebwa ku buryo bwa buri muni n'ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, n'imibereho myiza y'abanyarwanda muri rusange.

Dr. Jeanne D'Arc MUJAWAMARIYA

Minisitiri w'Uuburinganire n'Iterambere ry'Umuryango

Iriburiro

Iyi mfashanyigisho, ni igikoresho cy'amahugurwa ku bahugura abandi mu byerekeranye no kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ikazakoresha n'imiryango ifatanyaga na MIGEPROF gukumira, gukemura no guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu baturage. Iyi mfashanyigisho ikaba ikomatanyije ingingo z'ingenzi zateguwe n'inzego zitandukanye zivanywe mu zindi mfashanyigisho zari zisanzweho nk'iza MIGEPROF, UNICEF, IntraHealth International, CARE International, USAID Higa Ubeho na Minisiteri y'ubuzima.

Ibi bisobanuye ko noneho abafatanyabikorwa muri uru rwego bazatanga inyigisho zihuye, bakoresheje uburyo bumwe kandi bagamije intego zimwe.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rigaragarira mu baturage kuva ku nzego zo hasi, ari nayo mpamvu ingamba zo kurirwanya ari ho zatangiye; Inama y'igihugu y'abagore ishira Komite n'amatsinda abishinzwe. Izi nzego zakagombye kugira imyumvire imwe kugira ngo zitange umurungo umwe mu rugamba rwo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Nubwo hari abafatanyabikorwa batandukanye bakora umunsi k'uwundi ku kibazo cyo guca burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uyu muco mubi uracyari ikibazo gikomeye. Leta y'u Rwanda ikaba yarerekanye ubushake bwa politiki bwo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Muri bwo, umuntu yavuye nko gushyira umukono ku Masezerano mpuzamahanga aca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore, ari naho havuye itegeko ryemejwe mu 2008, rikumira rikanahana icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Intego nyamukuru y'iyi mfashanyigisho akaba ari ugufasha abahugura abandi gukangurira abantu kwita ku bibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, n'inyungu zo gushyira hamwe muri urwo rugamba. Iyi mfashanyigisho ikaba izagirira akamaro abafatanyabikorwa, za Komite n'amatsinda yiyemeje kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Amavu n'amavuko

Jenoside yo mu 1994 yaranzwe n'uburyo bw'ihohoterwa butandukanye kandi buteye ubwoba, ariko cyane cyane bwibasira abakobwa n'abagore. Gufatwa ku ngufu akaba ari imwe mu ntwaro z'umugambi wa Jenoside, bukaba n'ubugome bwo kwambura agaciro abagore n'abakobwa. Muri icyo gihe kandi abana barahazahariye cyane bagirwa imfubyi ari nako berekwa ibikorwa bya kinyamaswa.

Imyaka 16 nyuma y'ayo mahano, ihohoterwa rishingiye ku gitsina hamwe n'ibindi bikorwa bitari ibya kimuntu bikorerwa abana na n'ubu biracyagaragara mu Rwanda. Icyorezo cya SIDA n'ubukene bukabije byongereye ubukana bw'ingaruka z'ihohotera mu baturage, bituma rikaza umurego.

Kenshi na kenshi ariko, imibare y'ibikorwa by'ihohoterwa ikunze kugaragazwa (urugero k'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, gukubita, kuvutswa uburenganzira ku mutungo no gukoresha abana imirimo ivunanye) usanga ihabanye n'ukuntu u Rwanda ari igihugu gifite amategeko arengera uburenganzira bw'abana n'abagore ndetse cyashyize umukono ku masezerano mpuzamahanga atandukanye arebana n'urwo rwego, ari igihugu cya mbere ku isi gifite umubare munini w'abagore mu nteko ishingira amategeko n'inzego z'ibanze zifite ubushobozi bwo kwita ku bantu bababaye kurusha abandi.

Umutekano n'umudendeko, ni zimwe mu nkingi z'uburenganzira bwa muntu. Mu Rwanda ariko, abagore benshi, urubyiruko ndetse n'abana bato usanga badasobanukiwe n'uburenganzira bwabo. Ibikorwa bigamije kubagirira nabi no kubavutsa kubaho neza, kubabuza uburenganzira bwo kwiga no kubahuguza imitungo, ni ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kimwe n'ubundi bwoko bw'ihohoterwa, akaba ari nabyo bituma batamenya uburenganzira bahabwa n'Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

U Rwanda rwashyizeho amategeko afite ireme mu byerekeranye n'uburenganzira bwa muntu kandi rushyira n'umukono ku masezerano mpuzamahanga yihariye arengera ubuzima bw'umwana n'umugore. Aya mahame yose, atuma abaturage bose babana mu mahoro n'umudendeko ntawe uhohotera undi, buri wese ahabwa uburenganzira ku mutungo, kuri serivisi z'ubuzima, k'uburezi no k'ubutabera mu gihugu cye.

Leta y'u Rwanda yemera ko hari ubwoko butandukanye bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Inemera kandi ko rigira ingaruka ku bagore n'abakobwa,

zishingiye ku miterere y'umubiri wabo, ku mitekerereze, ku mibereho yabo, iy'imiryango yabo ndetse n'iy'igihugu muri rusange. Guha uburenganzira busesuye abagore, bakuriye imiryango irenga kimwe cya gatatu cy'ingo zo mu Rwanda, bitanga umutekano mu gihugu muri ibi bihe bya nyuma ya Jenoside cyane cyane mu kugisana. Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ryemera inyungu za politiki y'uburinganire n'umumaro w'amategeko arengera uburinganire bw'ibitsina byombi, harimo n'uburenganzira bwo gutembera, bwo gucunga umutungo, kubona umurimo no kujya mu nzego zitorwa n'abaturage.

N'ubwo Guverinoma y'u Rwanda ishyira ingufu mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, haracyariho inzititizi zishyigikirwa n'umuco hamwe n'amategeko yari awushamikiyeho asubiza inyuma, avangura kandi agaha akato umugore, ari nabyo ntandaro yo gufatwa ku ngufu no gukubitwa kandi ugasanga umuryango nyarwanda ugifite umuco wo kubihishira.

Imirimo ituruka ku bafatanyabikorwa, harimo imiryango itegamiye kuri Leta y'imbere mu gihugu n'iy hanze yacyo, ifasha inzego z'ibanze mu gukumira no kugaragaza ihohoterwa rishingiye ku gitsina ku nzego zinyuranye kurusha uko zishyigikira ibikorwa byo gukurikirana icyaha. Imwe mu mirimo bakora ni nko kuvuza abahohotewe, kwamagana imigenzo n'imyitwarire iganisha ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gutanga ubwunganizi mu nkiko. Ariko, umurava, ihuzabikorwa n'ubufatanye by'abaterankunga mu iterambere mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, nibyo bizatuma uru rugamba rworohera abarurwana.

Amagambo akunze gukoreshwa (ahanini yavanywe mu itegeko no 59/2008 ryerekeye gukumira no guhana ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda)

Ijambo	Ubusobanuro
Ubusambanyi*	Ni igikorwa cyo kugirana imibonano mpuzabitsina n'undi muntu mutashakanye
Umwana	Umuntu wese utarageza ku myaka cumi n'umunani (18)
Kwangiza umwana	Gutoteza, gukubita cyangwa guhohotera umwana umushakaho imibonano mpuzabitsina
Kwinjira*	Ni ukubana ku buryo buhoraho nk'umugore n'umugabo mutarasezeranye kandi umwe muri mwe afite uwo bashakanye ku buryo bwemewe n'amategeko
Gufata ku ngufu uwo mwashakanye*	Gukoresha imibonano mpuzabitsina uwo mwashakanye atabishaka, hakoreshejwe ingufu, iterabwoba cyangwa ubundi buryo
Ihohoterwa mu ngo	Umuntu ukubita undi, kumukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato cyangwa kumutoteza witwaje isano, ko mubana mu rugo (iyi sano ishobora kuba ishingiyeye ku mavuko, ku maraso, muturanye, mwarashakanye, mukundana cyangwa mufitanye indi sano)

Umusaza/Umukecuru*	Umuntu uwo ari we wese urengeje imyaka mirongo itandatu n'itanu (65)
Ishyingirwa ku ngufu*	Guhenda ubwenge umuntu cyangwa kumuhatira umubano hagamijwe kubana nk'abashakanye
Ihohoterwa rishingiye ku gitsina*	Ihohoterwa rishingiye ku gitsina risobanurwa nk'igikorwa icyo ari cyo cyose gikomeretsa umubiri, kibuza amahwemo, gihatira umuntu imibonano mpuzabitsina cyangwa kigahuguza umutungo umuntu hagendewe ku gitsina cye. Bene ibi bikorwa byambura abantu umudendezo bikagira n'ingaruka mbi. Iri hohoterwa rishobora kuboneka mu ngo no hanze yazo
Gufata ku ngufu n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Gushyira umuntu ku nkeke, umutera ubwoba, umutesha agaciro cyangwa umwandagaza cyangwa ukabigirira abandi bantu bafite aho bahuriye na wa muntu ugamije ko bimugeraho
Itotezwa*Urukozasoni*	Ibikorwa cyangwa imyitwarire icye ukubiri no kwiyubaha n'ikinyabupfura, itesha agaciro ikiremwaumuntu
Gushakana*	Amasezerano yo kubana umugabo agirana n'umugore hakurikijwe amategeko
Ubuharike*	Ni igikorwa cyo kugira abo mwashakanye barenze umwe kandi utaratandukana ku buryo bwemewe n'amategeko n'uwo mwashakanye mbere

Gufata ku ngufu*	Ni igikorwa cyo gukoresha umuntu imibonano mpuzabitsina atabishaka hakoreshejwe ingufu, iterabwoba cyangwa ubundi buryo
Kugirwa imbata y'imibonano mpuzabitsina hagamijwe kwishimisha	Gukoresha igitinyiro cy'ubuyobozi, amafaranga n'ubundi bubasha ufite ugira ngo ujye uhora ukoresha umuntu imibonano mpuzabitsina uko ubishatse ugamije kwishimisha kandi we atabyemera
Ihohoterwa rishingiye ku mibonano mpuzabitsina	Igikorwa icyo ari cyo cyose cy'imibonano mpuzabitsina, ikiyiganishaho n'ibigamije kuyishoramo abantu hakoreshejwe uburiganya hamwe n'amagambo aganisha ku gufata ku ngufu, itotezwa cyangwa ubundi bushinyaguzi bukozwe n'undi wese hatitawe ku isano yaba afitanye n'uwahohotewe aho byabera hose, haba mu rugo cyangwa ku kazi. Ihohoterwa rishingiye ku mibonano mpuzabitsina risobanuye gufata abantu nk'ibikoresho cyangwa kubahindura abacakara mu bikorwa by'imibonano mpuzabitsina
Uwarokotse/ Uwahohotewe (b'ihohoterwa rishingiye ku gitsina)**	Umuntu wahuye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ijambo "uwahohotewe" n'uarokotse ashobora gukoreshwa hose. "Uwahohotewe" ni ijambo rikunze gukoreshwa mu butabera no kwa muganga. "Uwarokotse" ni ijambo kenshi bahitamo gukoresha mu nzego z'ubujyanama no gusana imitima kuko usanga rifite ireme mu gusubiza agaciro uwahohotewe

Aho byavuye:

*) Itegeko No 59/2008 rikumira kandi nihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina

***) International Planned Parenthood Federation Tools, 2010

IGICE CYA 1: INTANGIRIRO

Igikorwa 1.1: Ikaze hamwe n'iriburiro.

Intego:

- Gufasha abazatanga amahugurwa (Abarimu) kugirango babibwire cyangwa abaje mu mahugurwa bamenyane,
- Gufasha abaje mu mahugurwa kumenyana hagati yabo,
- Kubaka icyizere hamwe no kugira ahantu heza ho gukorera amahugurwa.

Igihe bimara: Iminota 10.

Amabwiriza:

Tangira amahugurwa usuhuza abaje mu mahugurwa. Gerageza wibwire abaje mu mahugurwa cyangwa abandi bantu bazagufasha mu mahugurwa. Niba amahugurwa yarateguwe n'umuryango runaka, wareka uwo muryango ugafata akanya katari kanini maze ugatanga ikaze ku baje mu mahugurwa.

Ibitekerezo bimwe na bimwe birebana n'ibyigwa mu muryango:

- Tanga urupapuro kuri buri wese waje mu mahugurwa. Saba buri wese ku giti cye gusubiza iki kibazo "Ese ni inde? Mu gutangira isomo ushobora gushushanya uruziga hanyuma ukandikamo amazina yabo. Saba abaje mu mahugurwa gushushanya imirongo iva imbere mu ruziga hayuma bandike kuri iyo mirongo bimwe mu bibaranga. Bagerageza kubyandikaho ku buryo ntawundi muntu uri mu cyumba ugomba kumenya icyo buri wese agiye kwandika;
- Tanga iminota itanu (5) ku bantu baje mu mahugurwa yo kugirango buzuzwe ibyo basabwa gukora birebana n'umwirondoro kuri ruriya ruziga. Hanyuma saba buri wese ku giti cye ko yagenda agasangiza abandi bose ibimuranga.
- Saba abaje mu mahugurwa kujya mu matsinda mato hanyuma bagerageze kureba ibyo bahuriyeho n'ibyo badahuriyeho.

Ibyo muhuriyeho nk'itsinda ni ibihe?

Icyo mutandukaniyeho nk'itsinda ni ikihe?

Saba abaje mu mahugurwa gusubira aho bari bicaye mbere hanyuma baganire:

Haba hari n'umwe waba usa n'undi neza?

Haba hari icyo mwabonye mutandukaniyeho cyaba cyabatunguye?

Icyitonderwa ku muntu uyoboye amahugurwa:

Sobanurira abaje mu mahugurwa ko nta n'umwe ushobora kugira ikimuranga kimwe. Ibyo dutandukaniyeho bijyana n'ibyo twanyuzemo mu buzima bwacu

bituma tuba abo turibo; dukora ibintu bitandukanye mu buzima bwacu kandi bifite ibibiranga bitandukanye. Iyo tugerageje kwisobanura twebwe ubwacu tubona ko hari ibituranga bitandukanye, ariko iyo duhuye n'abandi hari ibintu bikunze kutuzamo akenshi bituranga. Nk'umugenzuzi cg umuyobozi cg umutware cg inshuti mu muryango ubarizwamo. Usanga abantu duhora tubashyira mu byiciro.

Igikorwa 1.2: Intego y'amahugurwa n'icyo bazayavanamo

Intego:

Nyuma y'iri somo abaje mu mahugurwa bazaba bashobora:

- Gutanga ishusho y'intego hamwe n'ingingo zigwaho mu mahugurwa,
- Gusangira ku bijyanye n'aho bakora hamwe n'ibyo batekereza ko bazavana muri aya mahugurwa,
- Gusubiza ibibazo birebana n'ubumenyi hamwe n'imyumvire yabo bifitanye isano n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Igihe bimara: Iminota 10.

Amabwiriza

1. Saba abaje mu mahugurwa guhaguruka bakoze uruziga cyangwa bakoresheje ubundi buryo bushobora gutuma haba ubwumvikane (ariko hatari ameza byaba byiza).
2. Saba buri wese waje mu mahugurwa ko yakwibwira abandi, akavuga aho akora, icyo ashinzwe hanyuma abaze ikibazo yumva ashaka kumenya cyerekeranye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mbere yuko amahugurwa arangira. Hanyuma kora urutonde rw' ibibazo urebe uko ibyo bibazo byazasubizwa mu gihe cy'aya mahugurwa.
3. Mwongere murebe intego y'aya mahugurwa hanyuma unabasobanurire gahunda iri mu makayi y'abaje mu mahugurwa. Sobanura gahunda hanyuma munarebe ibirimo hamwe n'uko amahugurwa azakorwa kugera arangiye. Tanga iminota mike niba hari ikibazo cyangwa icyifuzo.

Igikorwa 1. 3. Gushyiraho amategeko.

Intego: Gushyiraho umurongo ngenderwaho nk'abantu bazaba bari kumwe muri ayo mahugurwa hanyuma hanarebwe icyo batekereza ku kuntu bazayabanamo kugira ngo barebe uko bazitwara maze babonereho kugira ahantu bisanzuye, hafite isuku, bafite umuco umwe maze babonereho uko baganira neza.

Igihe: iminota 10

Amabwiriza

Basobanurire akamaro ko kugira ahantu buri wese yumva afitiye icyizere. Aya mahugurwa ni uburyo bwiza bwo kugira ngo buri wese abane n'undi neza:

Garagaza ko imirongo ngenderwaho ishyirwaho kugira ngo habeho umwuka mwiza mu mahugurwa. Basabe ko amabwiriza agomba kubahirizwa na buri wese. Abaje mu mahugurwa bashobora kugira ibindi bongeramo mumaze kuyamanika. Kugira ngo mudatakaza igihe ushobora kuza hari amabwiriza mwateganyije maze mukayunguranaho ibitekerezo.

Icyitonderwa ku muntu uyoboye amahugurwa:

Ikintu kijyanye no kwemeranya biciye mu kiganiro kigomba kwitabwaho muri uyu mwitozo. Igihe umuntu atanze igitekerezo hanyuma kikandikwa ntibivuga ko ubwo ako kanya cyemewe. Ubwo ikigomba gukorwa ni uko abandi bagomba kubiganiraho hanyuma bakagira umwanzuro bafata. Muri aya mabwiriza hari ibintu byakagombye kwitabwaho:

- a) **Kumvana:** Abaje bakagombye kumva bafite ubushake bwo gukurikira ibyigishwa kandi bagaha agaciro ijwi ryose riri mu cyumba bigiramo.
- b) **Kubahana:** Buri wese waje mu mahugurwa yakagombye kwishyira mu mwanya wa mugenzi we.
- c) **Kugira ibanga:** Abaje mu mahugurwa bakagombye gusangira ubuzima bwabo haba no hanze y'amahugurwa ariko nta n'umwe wemerewe kuba yaha izina umuntu ahereye ku byamubayeho ababwiye cyangwa yakoze mu gihe cy'amahugurwa.

AMATEGEKO

Kumvana
Kubahana
Kugira ibanga
Kuvuga mu rurimi
wumva
Kwirinda
gucaracara
Kudasakurisha
telefone
Kubahiriza igihe.

- d) Abaje mu mahugurwa bashobora kuvuga mu ndimi zabo noneho hakaza kubaho gusobanurira abandi: Sobanura ko ibi ari uguha agaciro umutungo uba mu rurimi rw'umuntu urimo guhugurwa, kandi nanone ni ukugira ngo umuntu atagira ibintu bimugora mu mutwe we kuko hari uwo usanga urwo rurimi murimo gukoresha mu mahugurwa atari kavukire kuri we.

Igikorwa 1.4: IBIBANZIRIZA ISUZUMA

Intego

Gutuma umenya imyumvire y'abaje mu mahugurwa ku bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugirango umenye aho uzibanda mu mahugurwa uhereye ku byo bazi

Igihe bimara: iminota 15.

Uburyo: Gukoresha urupapuro ruriho ibibazo bari busubize.

Ibikoresho: Urupapuro rw'ibibazo, hamwe n'ikayi n'ikaramu.

Amabwiriza

- Kugira impapuro zihagije ziriho ibibazo hamwe n'amakaramu yo guha abaje mu mahugurwa.
- Saba abaje mu mahugurwa kuzuza ibibazo bafite ku mpapuro batange ibisubizo hanyuma bashyire mu mabashya bafite.

Umutwe wa 1: UBUMENYI KUBIJYANYE N'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

IBIBAZO 1-7: Koresha yego cg oya (nibyoye sibyo)

1. Uburinganire burebana n'itandukaniro karemano ritandukanya umugabo n'umugore.
2. Muri rusange iryo tandukaniro riba ari karemano kandi ari rimwe ku isi yose.
3. Abenshi mu barenganira muri ririya hohoterwa rishingiye ku gitsina, bazi bamwe cg imiryango ifasha abahohotewe bishingiye ku gitsina.
4. Ihohoterwa ribera mu ngo riboneka mu mico yose ku isi.
5. Ihohoterwa rishingiye ku buringanire riboneka nk'intambamyi ku iterambere ry'imibereho ya muntu.
6. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina riba kugirango abagabo bagire ibyishimo.
7. Ugukubitwa k'umugore ni we ukwitera.

8. Ibibazo byo guhitamo. Hitamo igisubizo kiri cyo ushyireho akaziga.

Ni ikihe kintu muri ibi bikurikira utekereza ko ari ihohoterwa rishingiye ku gitsina?

- a. Umugabo utera ubwoba cyangwa uhindura umugore we igikange mu magambo.
 - b. Umugabo ukubita umugore we.
 - c. Umugabo uhatira umugore we gukorana nawe imibonano mpuzabitsina kandi umugore atabishaka.
 - d. Umugabo utemerera umugore we gushaka akazi.
9. Shyira akaziga ku gisubizo kigaragaza ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

- a. Kwandura agakoko gatera SIDA ari ko HIV.
 - b. Kwiyahura
 - c. Ubukene butewe no gutakaza byinshi ku bijyanye no kwivuza.
 - d. Kutagira umutuzo, nta gahunda ihamye.
 - e. Abana ntibagira ubuzima bwiza.
10. Shyira akaziga aho ubona hari intambamyi ituma abahohotewe bishingiye ku gitsina badashaka ubufasha:
- a. Kugira ubwoba bw'ingaruka zizababaho hamwe n'imiryango yabo.
 - c. Kugira ibanga n'ikimwaro cyo kuvuga ibyakubayeho.
 - d. Gutega amaboko.
 - e. Ukutagira amategeko arengera abahohotewe hamwe / cyangwa no kutagira ubumenyi ku mategeko arengera abahohotewe.

IGICE CYA 2:

**KUMVA NEZA ICYO IHOHOTERWA RISHINGIYE KU
GITSINA ARI CYO**

Isomo 1.1: Ubusobanuro bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Intego

Nyuma y'iri somo, abaje mu mahugurwa bazashobora:

- Gutanga ubusobanuro bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina hamwe n'uko mu Rwanda iki kibazo cyifashe.
- Kumenya ubwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
- Kureba ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina haba ku rwego rw'ubuzima, umutungo, uburenganzira cg ubwisanzure hamwe n'imibereho myiza muri rusange; ibi bikaba byarebwa haba ku rwego rw'umuryango cyangwa se abaturage bose muri rusange
- Kumenya gahunda ya Leta yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, kwita no kurinda abarikorewe

Igihe bimara: Isaha n'igice

Uburyo: Ikusanyabitekerezo, udukino, ibiganiro mu matsinda, umwitozo.

Ibikoresho: igipapuro kinini, amakaramu manini.

Amabwiriza

- Reba niba buri wese waje mu mahugurwa afite ibikoresho byose nkenerwa kuri uyu mwitozo.
- Reba niba ibyo wateguye, mudasobwa n'ibiri ku mpapuro nini nta kibazo bifite.
- Kora impapuro zihagije kugira ngo ziherezwe abaje mu mahugurwa.

Umwitozo wa 1:

- 1) Abaje mu mahugurwa bashyire mu matsinda 2; rimwe ari abagabo irindi ari abagore.
- 2) Saba buri tsinda kugaragaza ubwoko bw'ihohoterwa cyangwa ibikorwa birishamikiyeho abagabo cyangwa abagore bahura n'iryo mu Rwanda.
- 3) Bagaragarize ibikorwa bikunze kwiganza cyangwa kuboneka kenshi.
- 4) Kangurira cyangwa shishikariza abaje mu mahugurwa gutekereza ku bikorwa bitandukanye bishobora kuba karemano kandi iryo hohoterwa rikaba ryakora ku mubiri, imitekerereze, igitsina cyangwa umutungo.

- 5) Saba abaje mu mahugurwa gutekereza ku bikorwa birebana n'ihohoterwa bakunze kubona mu miryango, habe hanarimo iby'imbere mu ngo, cyangwa hanze y'urugo twavugaga nko mu mihanda, aho mutuye, cyangwa aho mukorera ...

Saba abajemu mahugurwa kwandika ku kibaho ibisubizo byabo. Na none uyoboye amahugurwa ashobora gusaba ko babyandika ku mpapuro nini hanyuma bakabimanika ku nkuta.

Baza abaje mu mahugurwa niba ibikorwa byose biganisha ku ihohoterwa ari bimwe, itandukaniro ni irihe, ni ibihe bikorwa birebana n'ihohoterwa abakobwa n'abagore bashobora guhura nabyo kurusha abagabo cyangwa abahungu. Sobanura impamvu iryo tandukaniro rihari. Niba wakoresheje impapuro nini, ushobora kubashyira mu matsinda ugendeye ku byiciro by'ihohoterwa (Ku mubiri, imyitwarire, igitsina cyangwa umutungo) cyangwa na none ihohoterwa ryibasira cyane cyane abagore cyangwa abakobwa, unagaragaze ibikunze kwibasira cyane cyane abagabo cyangwa abahungu cyangwa se na none unagaragaze ibyibasira impande zombi yaba ab'igitsina gore cyangwa gabo.

Intambwe ya Kabiri (iminota 30) koresha power point cyangwa ibyo wateguye ku mpapuro nini. Tanga impapuro ziriho ibyo ugiye kwigisha hanyuma ugaragaze kuri izo mpapuro ubusobanuro, hamwe n'ingaruka zishingiye ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Intambwe ya gatatu: (iminota hagati ya 15-30) Ibiganiriro. Huza ibiganiriro ku birebana n'ingingo mwanditse. Niba bigaragara ko ari ingenzi, wakagombye gusaba abaje mu mahugurwa gusangira ubumenyi bagendeye ku makuru agezweho mu gihugu hamwe n'ingaruka zishingiye ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Icyitonderwa ku muntu uyoboye amahugurwa:

- Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni rusange, nta kijyanye n'ubuzima bwite cyakagombye kurebwaho.
- Impamvu ikomeye itera ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni ubusumbane mu bijyanye n'ubushobozi hagati y'abagabo n'abagore. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ribangamira buri wese yaba umugore cyangwa umugabo.

- Abagore nibo babangamirwa cyane cyangwa bibasirwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abagabo.
- Abagore bagira cyangwa bahura n'ihohoterwa ritandukanye rishingiye ku gitsina (ku mubiri, ibitekerezo, igitsina, cyangwa umutungo)
- Buri wese afite uburenganzira bwo kubaho nta hohoterwa iryo ari ryo ryose akorerwa.

Umwitoto wa 2

Intego:

- Kumenya no gusobanura ihohoterwa iryo ari ryo ryose.
- Gushyira mu byiciro buri bwoko bw'ihohoterwa.

Uburyo: Ubushakashatsi, gusobanura, akazi mu matsinda.

Igihe: iminota 45

Ibikoresho bisabwa: impapuro nini, amakaramu manini, projegiteri, imyambaro ishaje, akaradiyo gafata amajwi (gasete) hamwe na CD.

Amabwiriza:

1. Abaje mu mahugurwa basabwa kwicara bakoze uruziga cyangwa mu bundi buryo bufasha gutuma haba ubwumvikane.
2. Saba abaje mu mahugurwa kureba ibintu bimwe na bimwe bigaragaza ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
3. Nyuma yo kureba buri gace, saba abaje mu mahugurwa kuvumbura ubwoko bw' ihohoterwa rivugwamo.
4. Uyoboye amahugurwa asoma inkuru; abaje mu mahugurwa bumve bitonze hanyuma bavuge ubwoko bw'ihohoterwa bavuga mu nkuru yasomwe.
5. Uyoboye amahugurwa agerageza gufasha kugira ngo habeho ibiganiro cyangwa ibitekerezo birebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina muri rusange hanyuma agerageze kubijyanisha n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda.
6. Uyoboye amahugurwa afungura gasete igaragaza cyangwa yumvikanisha ibijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, hanyuma abaje mu mahugurwa bumve ubwo nabo bahite bagaragaza ubwoko bw'ihohoterwa banarishyire mu byiciro.

7. Nyuma y'iminota cumi n'itanu, amatsinda agaragaze ibyo babashije kubona cyangwa bumvise.
8. Abaje mu mahugurwa babaza ibibazo byo kugira ngo basobanukirwe bihagije.
9. Uyoboze amahugurwa abikorere incamake hanyuma anagerageze kuvuga mu magambo ahinnye izindi ngingo niba batabashije kuzigeraho.

Umutwe wa 2: URUGERO (case study) RW'IMIBEREHO YA RUTABIKANGWA N'UMURYANGO WE

Rutabikangwa ni umugabo ubana n' umugore we witwa NYAMITIRIMO. Bafite abana bagera kuri 14 (abakobwa n'abahungu) Rutabikangwa akunda kunywa inzoga kandi rimwe na rimwe akanabikora agiye guhinga we n'umugore we, ibyo bigatera ingaruka zo kubura ingufu.

Umunsi umwe, bahinguye, Rutabikangwa yatahije inkwi, ariko anabikora akanika umugore we ko agomba kwibuka gucyura isuka yahingishije kuko we agomba kunyura ku kabari kugira ngo aganire na bagenzi be banasoma ku gacupa.

Ahagana saa mbili z'ijoro, Rutabikangwa ataha mu rugo iwe asanga umwana we w'umukobwa witwa NYIRANKUMI arimo gukora umukoro wo gutahana ku ishuri babahaye, ahita amukubita kuko ihene zari zikiri ku gasozi, ako kanya aba ahutaje n'akana ke k'agahungu kagwa hasi. Rutabikangwa yinjira mu nzu, akubita umugore we hanyuma amubaza n'ibiryoy. Umugore amubwira ati genda ubyirebere njyeweho ndananiwe. Umugore akomeza amubwirako nta kintu cyo kurya bafite kandi anamubwira ko n'umwana wabo w'umukobwa bamwirukanye ku ishuri kubera kubura amafaranga, ati wagurishije ihene nta n'umuntu ubizi n'amafaranga nta muntu uzi icyo wayakoresheje. Umugabo amubwira agira ati "Ndakwibutsa ko ihene ari iyanjye kandi ko utemerewe kumbaza ikibazo nk'icyo".

Rutabikangwa ahita afata icyemezo cyo guhita ajya mu buriri, mu gihe umugore we yari akirimo gukora imirimo imwe yo mu rugo. Hagati mu ijoro, asaba umugore ko bagirana imibonano mpuzabitsina, umugore arabyanga kuko yumvaga ananiwe kubera imirimo yari yiriwe akora mu murima, kwikorera inkwi, hamwe n'imirimo yo mu rugo yo ku gihe cy'umugoroba, hakiyongeraho n'itunganya byatumye ananirwa. Rutabikangwa akomeza gusaba ku ngufu umugore we ko bakorana imibonano mpuzabitsina, ubwo umugore atangira kurira.

Umunsi ukurikiyeho, umwana w'umukobwa wa Rutabikangwa wari utarangije umukoro bari bamuhaye ku ishuri abona zero ahawe na mwarimu. Igihe umwana atangiye kwisobanura ibyabaye ejo hashize mwarimu ahita abwira wa mwana ko baza kubonana nyuma y'amasomo kuko abona icyo ari ikibazo cyihariye kitareba abanyeshuri bose. Mbere yo gutaha amasomo arangiye, wa mwana w'umukobwa ajya kureba mwarimu wari utuye iruhande rw'ishuri. Mwarimu akoresheje ijwi rikarishye abwira wa mwana w'umukobwa ati wowe aho wakwize, umara amasaha yawe menshi urimo uganira n'abahungu bo muri aka karere buri joro. Uyu munsi ni umwanya wanjye kandi umenye ko mfite mu biganza byanjye ejo hawe hazaza. Umenyeko kandi ko igihe utatsinze amasomo yanjye abiri ari ryo herezo ry'ubuzima bwawe. Ok?

Uwo mwana w'umukobwa atangira gutitira ntiyagira icyo asubiza ariko agiye kumva yumva mwarimu arimo aramukorakora ku mabere. Umwana akomeza kwibaza ukuntu agiye gutakaza ubuzima bwe igihe atubashye icyemezo cya mwarimu we, abigereranya n'ihene iri mu nzara z'intare. Ku iherezo, umwana aza kugenda atanambaye neza, agenda yanumiwe kubera icyo gikorwa giteye isoni.

Nyuma y'iminsi mike, wa mwana w'umukobwa atangira kumva ububare mu gice cyo hasi cy'inda ibyara, hanyuma igihe agiye kwisuzumisha, Muganga amuha imiti ivura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina. Hanyuma umuganga amubwira ko kugirango yigirire icyizere neza yakagombye kwipimisha agakoko gatera SIDA.

Amezi make nyuma y'aho, umugore wa Rutabikangwa yakomeje kuba m'ubuzima bubu n'intonganya ndetse rimwe aza no kwitura hasi umugabo amuhiritse. Byamuviriyemo kuva, bituma ajya kwisuzumisha ku kigo nderabuzima, maze ibisubizo bigaragaza ko uko kuva kwatewe n'inda yavuyemo.

Icyitonderwa: Mbere y'uko bajya mu matsinda sobanurira abaje mu mahugurwa ko ino ari inkuru mpimbano ntabwo ari ibintu byabayeho.

Umutwe wa 3: UBUSHAKASHATSI: INKURU IGARAGAZA UBWOKO BW'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA (INDIRIMBO: ADELA MUKASINE)

Icyitonderwa ku muntu uyoboye amahugurwa:

Uyoboye amahugurwa agomba kureba niba CD iriho indirimbo ya Adela Mukasine ihari kandi akareba niba ashobora kuyisobanura. Abaza abaje mu mahugurwa gutanga ubwoko bw'ihohoterwa bwagaragayemo dusanga no mu Rwanda. Nyuma yo gusesengura buriya bushakashatsi bubiri hamwe n'ubusobanuro buvuye mu matsinda umufasha mu mahugurwa atanga impapuro noneho agasaba ko bazisoma hanyuma bagasubiza ibibazo bikurikira:

- ✚ Ni irihe somo mukuye muri iyi nkuru?
- ✚ Mu muco nyarwanda ariya mazina avuga iki?
- ✚ Ni ubuhe bwoko bw'ihohoterwa dusanga muri uyu muryango?
- ✚ Ni izihe mpamvu zishoboka zaba zarateye ririya hohoterwa?
- ✚ Ni ibihe bisubizo bishoboka bishobora kugabanya cyangwa kurandura iri hohoterwa?

Ubutumwa bw'ingenzi :

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ntabwo riba rirebana gusa n'ihohoterwa rikorerwa ku gitsina nyirizina; hari ubwoko bwinshi bw'ihohoterwa: ku mubiri, ku marangamutima cyangwa imbamutima, umutungo, hamwe n'irishingiye ku gitsina, biriya byose bikaba byaba bikorerwa ku mugore cyangwa ku mugabo mu muryango byose bikaza bibangamira ubwisanzure bw'umugabo cyangwa bw'umugore.

Umutwe wa 4: UBWOKO BW'IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

a. Ihohoterwa rishingiye k'umubiri (rikomeretsa)

Ikomeretsa ku mubiri: gukubita, gusunika, kuruma, gutwika, kwica, kuniga, hakoreshejwe cyangwa hadakoreshejwe intwari; ibi byose bishobora gukorwa hakoreshejwe n'ubundi buryo bwiyongera kuri biriya, gutera ubwoba uwo mubana, abagize umuryango, inshuti, umunyamahanga, cyangwa undi wese ufiteho ububasha.

b. Ihohotera rishingiye ku bitekerezo: Rishobora kuba cyangwa kutaba mu magambo:

Gutukana/ kuvuma: Gutukana, gupfobya, gusegereza, gusaba ko uwahohotewe nawe yajya muri iki gikorwa, ibi bikaba byaba ari ku mugaragaro cyangwa ku giti cya bamwe. Aha ni naho tubona bamwe banga kwitangira cyangwa kugira icyo batanga kugira ngo bitangire imiryango yabo. Bitewe na buri wese n'ububasha afite no gucungana; rimwe na rimwe abashakanye baterana ubwoba cyangwa bakabuterana abo mu miryango yabo bashingiyeye ku myanya bafite mu buyobozi.

Kwigunga: gutuma umuntu ajya mu bwigunge ntagire aho ahurira n'inshuti/ umuryango, kubuzwa uburenganzira bwe cyangwa kubuzwa uburenganzira bwo gutembera.

c. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

Gukora imibonano mpuzabitsina ku ngufu: Igikorwa cy'uko umuntu akoresheje imibonano mpuzabitsina atabishakira ahubwo afashwe ku ngufu, yatewe ubwoba, yashukishijwe ibintu bifite agaciro n'ibindi.

Gukorana imibonano mpuzabitsina hari umwe utabishakira mu bashakanye: Guhatira uwo mwashakanye gukora imibonano mpuzabitsina ukoresheje imbaraga, iterabwoba kumubeshya, n'ibindi. Abashakanye uko ari babiri bafite uburenganzira bungana ku bijyanye no gukora imibonano mpuzabitsina, kubyara, hamwe no kuringaniza urubyaro. Birabujijwe kugira imibonano mpuzabitsina n'undi muntu utabishakira ni ukuvugako bakagombye kubyumvikanaho bose.

Gutesha agaciro igitsina cy'umuntu: gutesha agaciro igitsina cy'umuntu haba ku bijyanye no kugikoraho mu buryo busuzuguritse, ubikora ku ngufu cyangwa mu buryo busumbanya. Ubu buryo bw'ihohoterwa bukorwa n'umuntu uwo ari we wese uri ku mwanya afite ububasha, umuyobozi, cyangwa umugenzuzi.

Itotezwa rishingiye ku gitsina: Ukuntu kose kudahwitse kurebana no gusaba gukora imibonano mpuzabitsina cyangwa ubundi buryo bwose bwo gutesha agaciro. Gufata ku ngufu bishingiye ku rwego uriho mu kazi, ibi bikaba biba ari uko umuntu azana imirongo ngenderwaho ishingiyeye ku kazi ibi bikaba byazana iterabwoba, guhunga cyangwa ahantu buri wese atumva yisanzuye. Ubu bwoko bw'ihohotera bukorwa n'abakoresheje, abagenzuzi, cyangwa abantu mukorana

ku kazi, abarimu, cyangwa undi muntu wese uri mu mwanya runaka ugufiteho ububasha cyangwa ushobora kukugenzura mu bintu runaka.

Guhatira imibonano mpuzabitsina/ Ubucakara bushingiye ku gitsina hagamijwe kwishimisha: iteshagaciro iryo ariryo ryose ku birebana no kuba umuntu atishoboye, itandukaniro mu bijyanye n'ingufu cyangwa se n'icyizere kugira ngo umuntu akoreshe undi imibonano mpuzabitsina. Hazamo ibijyanye no gushakamo inyungu y'amafaranga, imibereho cyangwa politiki ubikuye mu guhatira umuntu gukora imibonano mpuzabitsina, ubu buryo ni bumwe bwo kugira ngo umuntu yigarurire undi (kuba imbata mu gukora imibonano mpuzabitsina, guhatira kwambara ubusa cyangwa kutambara, guhatira umuntu gushyingiranwa n'undi, kujya mu gukina filme z'abasambana cyangwa gukora uburaya, imibonano mpuzabitsina igamije ubucuruzi, serivisi, gufasha, cyangwa ubucakara bushingiye ku gitsina). Ubu buryo bw'ihohotera bukoreshwa nabwo n'umukoresha, umugenzuzi, cyangwa mugenzi wawe cyangwa n'undi muntu uwo ari we wese uri ku rwego ruri hejuru yawe cyangwa se na none ukugenzura.

Guhatira kurongorwa mu kibuno: Guhatirwa kurongora mu kibuno, akenshi hagati y'umugabo ku mugabo cyangwa umugabo ku mugore. Ubu buryo bwo bukorwa na buri wese n'icyo yaba ari cyo mu muryango, n'ububasha yaba afite.

Guhatirwa kuba indaya: guhatirwa gukoreshwa imibonano mpuzabitsina kugira ngo uhabwe ibintu runaka bifatika, serivisi, gufashwa, akenshi usanga byibasira abagore batishoboye, cyangwa abakobwa batabasha kwiha ubwabo cyangwa ibyo baha abana babo. Ubu buryo bw'ihohoterwa bukorwa na buri wese mu muryango kuko afite icyo abarusha, kuko hari umutungo afite ubariye mu mafaranga cyangwa se kuko afite ububasha bwo kugenzura uwo mutungo, urugero: Abakozi bashinzwe ibikorwa by'ubutabazi.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina nk'intwari y'intambara cyangwa iyicarubozo: Ibyaha byibasira inyokomuntu bishingiye ku gitsina, harimo gusambanya ku ngufu, kugira umucakara bishingiye ku gitsina, gukuramo inda ubishaka, cyangwa gufunga kubyara, guhatira gusama inda, guhatira kubyara. Ihohoterwa rishingiye ku gitsina nk'uburyo bwo guhindura umucakara cyangwa iyicarubozo bisobanurwa nk'uburyo cyangwa ikintu cyose gituma habaho ukubabara gushingiye ku bitekerezo cyangwa ku mubiri kugira ngo hagire amakuru runaka agerwaho, kugira ngo hagire ibyo ujyamo nk'idini (imyemerere)

cyangwa se igihano kivuye k'uwahohotewe, cyangwa se na none gutera ubwoba undi muntu cyangwa gusenya, haba ku gice cyangwa muri rusange, haba ku gihugu, ubwoko, cyangwa se idini. Ubu bwoko bw'ihohotera akenshi bukorwa, cyangwa na none bugashyirwa mu bikorwa n'abasirikare, abapolisi, hamwe n'utundi dutsiko twitwaje intwari cyangwa se utundi dutsiko turi mu ntambara.

d. Ihohoterwa rishingiye ku mibanire no k'umutungo:

Ihohoterwa rishingiye ku mutungo: Iri ribaho iyo urikora afite ububasha busesuye bwo kugenzura amafaranga cyangwa umutungo n'aho ukorerwa ihohoterwa ashobora gukura umutungo.

Ivangura cyangwa kuvutswa amahirwe, serivisi: guhezwa, kuvutswa kwiga, serivisi z'ubuzima, akazi kamuhemba, kuvutswa uburenganzira k'umutungo. Ibi bukorwa n'abashakanye, abagize umuryango, ibigo, hamwe n'abandi bakora ibikorwa bishamikiye kuri Leta.

Guhabwa akato bishingiye ku gitsina: Kuvutswa uburenganzira bwo kugera kuri serivisi runaka, inyungu mu mibanire, imyitozo cyangwa kwishimira umuryango, umutungo, umuco, hamwe n'uburenganzira mu bya politiki, ibikorwa biganisha ku ivangura, bukorwa ku mugaragaro. *Ibi bukorwa na: abagize umuryango, imiryango n'ibigo, Leta.*

Icuraburindi rishingiye ku mategeko: Kubangamira kugera cyangwa ku ikorwa, kwishimira umuryango, umutungo, umuco, uburenganzira bwa politiki, by'umwihariko ku mugore.

Ikindi cyiyongereyeho ni uko kuriya gushyira mu byiciro ihohoterwa rishingiye ku gitsina, bigaragara nkaho hari ibyo tudasanga mu Rwanda ariko rimwe na rimwe bukaba bigenda bigaragara uko iminsi igenda ihita, ubwo rero abantu bose bakagombye kubimenya bakamenya buriya bwoko bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugira ngo babyirinde.

e. Ibikorwa bibabaje bishingiye kuri gakondo:

Gukata imyanya myibarukiro y'umugore: Gukata imyanya myibarukiro y'umugore bitanajyanye n'impamvu zo ku miti yatanzwe na muganga byakorerwaga abana bakiri bato, bigatangira bakata ibice bito bito bakagera aho bayikata yose, hakaba ubwo bukorwa kubera impamvu zigendeye ku muco

cyangwa izindi mpamvu, rimwe na rimwe bakabigenderaho igihe kinini cy'ubuzima bwabo.

Ibi bikorwa n'ababa bashaka gutsimbarara ku mucu, bakabifashwamo n'imiryango, amadini, cyangwa umuryango mugari wose, rimwe na rimwe ugasanga na Leta ibigiramo uruhare.

Ugushinga urugo hakiri kare: gushinga urugo kandi umuntu atarageza ku myaka y'ubukure nkuko bisabwa n'amategeko (imibonano mpuzabitsina ibaye muri kiriya gihe igaragaza ugufata ku ngufu, nkuko abakobwa iyo urebye baba badafite uburenganzira bwo kwifatira icyemezo ku bijyanye na gushinga ingo. Ibi bikorwa n'ababyeyi, abandi bantu mu muryango.

Gushinga urugo ku ngufu: Guhatirwa gushyingirwa cyangwa gushinga urugo, rimwe na rimwe inkwano igatangwa ku muryango, iyo yanzwe akenshi bitera ingaruka nyinshi kandi mbi. Ibi bikorwa n'ababyeyi, cyangwa abagize umuryango.

f. Gutwarwa bunyago nk'imwe mu ihohoterwa rishingiye ku gitsina riba ahantu hose ryakagombye gusobanurwa ku buryo bukurikira:

Gutwarwa bunyago n'ubucakara: Gucuruza ikiremwamuntu kugira ngo abo bantu bakoreshe imibonano mpuzabitsina, akazi k'agahato, cyangwa se indi mirimo yose ishingiyeye ku bucakara, gukoresha imirimo, cyangwa se kuvanwaho imyanya imwe n'imwe y'umubiri.

g. Ihohoterwa rishingiye ku gutera uwo mubana ubwoba: gutera umuntu mubana ubwoba bishobora kuba birebana n'ibigaragara ku mubiri cyangwa igitsina cyangwa ibijyanye n'umutungo ku birebana n'abashakanye, rigakorwa uwaba akiri cyangwa atakiri inshuti y'umuhungu cyangwa y'umukobwa, ababana cyangwa abigeze kubana nk'umugore n'umugabo. . Ni byiza aha gusobanura neza ibijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gutera ubwoba nkuko bikomeza kugaragara mu miryango myinshi harimo n'u Rwanda. Ihohoterwa ry'ubu bwoko rifata ku bijyanye no ku mubiri cyangwa igitsina cyangwa ibitekerezo, iri rikaba rikorerwa abashakanye cyangwa abigeze gushakana, inshuti cyangwa uwiyeze kuba yo yaba umukobwa cyangwa y'umuhungu" (aho byavuye: CDC, 2002)

Ingero

Ku mubiri: gukubita, gusunika, gutwika, kurwana.

Ku gitsina: gukora imibonano mpuzabitsina ku ngufu, guca intege, gutera ubwoba...

Ku bijyanye n'imbamutima: kwigunga, kutagera ku bijyanye no kwivuza, gufata abana mukabashyira ku ruhande.

Ku mutungo: Kwikubira umutungo, kubuza abandi kugera cyangwa kubona akazi...

Isomo 1.2: Ihuriro hagati y'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina- ubumenyi mu bijyanye n'igitsina Gabo.

Intego:

Nyuma y'iri somo abaje mu mahugurwa bazashobora:

- Gusobanura itandukaniro hagati y'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
- Kugaragaza imyitwarire, uburambe hamwe n'imyizerere haba umuntu ku rwego rwe ku bijyanye n'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, hamwe n'imyitwarire hatibagiranye imyemerere iri mu muryango abaje mu mahugurwa baturukamo.
- Gusobanura isano iri hagati y'ihohoterwa rikorerwa abagore n'uburenganzira bwa muntu.

Igihe bimara: isaha imwe n'igice

Uburyo: Gusesengura, gutanga ibitekerezo, ubushakashatsi.

Ibikoresho: Integanyanyigisho, projegiteri, ibipapuro binini hamwe n'amakaramu manini.

Amabwiriza:

- Tegura ibice bibiri: "ndabyemeye", "simbyemeye."
- Bishyire ahantu hose umuntu ashobora kugera.
- Koresha mudasobwa cyangwa impapuro nini mu gusobanura ibyo wateguye.
- Kora impapuro zihagije kuri buri wese waje mu mahugurwa.

Intabwe ya 1: (iminota 30): Imyitwarire cyangwa imyemerere ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

1. Sobanura ko mugiyeye kuganira ku bijyanye cyangwa imyemerere irebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kugira ngo wumve imyumvire barifiteho.
2. Babwire ko ugiye gusoma uranguruye ijwi iyo myizerere. Buri wese waje mu mahugurwa agomba kwemeza niba abyemera cyangwa se abihakana. Iyo babyemeza bahagarara iruhande rw'urupapuro rugaragaza igisubizo cyabo. Ntibagomba guhagarara hagati.
3. Soma buri cyose uranguruye ijwi kandi usome kabiri kugira ngo umenye ko buri wese yumvise. Hanyuma ubaze buri wese impamvu yatumye ajya hasi ya buri gisubizo. Ushobora kubabaza ibibazo bindi kugira ngo ugire ubusobanuro buhamye. Hanyuma ubaze irindi tsinda impamvu itabyemera.

Imyemerere cyangwa ibyagaragajwe ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina: soma cyane.

- Ihohoterwea ryo mu ngo ni ikintu cy'umuntu ku giti cye nta muntu n'umwe ugomba kubyivangamo.
- Umugabo afite uburenganzira bwo gukubita umugore we niba yasohokanye n'undi mugabo.
- Umugore agomba kwihanganira ihohoterwa kugira ngo akomere k'ubusugire bw'umuryango.
- Umukobwa uko yambaye bishobora gutuma afatwa agasambanywa ku ngufu
- Abagabo ntibajya bashobora kwicunga ku bijyanye n'imibonano mpuzabitsina, muri kamere yabo bahutiraho. Guhatira uwo mwashakanye gukora imibonano mpuzabitsina ntibihwanye n' ihohoterwa.
- Abahohotewe bakomeza guhakana ko nta cyo babaye kugira ngo birinde ingaruka mbi nyuma yo kubabazwa.
- Ababyeyi b'abagore bafite abakobwa bitwara nabi basambana biba ari ikosa ryabo kuko ntabwo bagenzura abana babo neza.
- Kunywa inzoga n'ibiyobyabwenge k'uburyo bukabije ni zimwe mu mpamvu zitera ihohotera
- Ihohotera ryo mu ngo rigira ingaruka gusa ku miryango ikennye.

Sobanura ko nubwo tuvuga ko dusobanukiwe n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi tukaba tuzi n'ibibazo iri hohotera ritera, ibibazo bimwe twibaza

bishobora kudukomerera. Turi bamwe mu bagize umuco wacu. Ese umuco wacu uhagaze ute ku bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryibasira abakobwa ndetse n'abagore?

Soza uvuga ko ihohoterwa nta na rimwe rijya rishimisha umuntu urikorera.

Intambwe ya 2: iminota 45

Koresha mudasobwa cyangwa impapuro wateguye mu gusobanura ibingibi: Integanyanyigisho zigaragaza isano iri hagati y'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Saba hanyuma uyobore ibiganiro kuri iyo nsanganyamatsiko.

Umutwe wa 5: KUKI ABAGORE BIHANGANIRA IHOHOTERWA?

Impamvu zimwe na zimwe:

- Umuco
- Ubujiji
- Kutagira ubumenyi ku mategeko ariho
- Kwihambira k'umuryango
- Gutinya ko abandi bantu bazamenya ibyawwe
- Gutinya icyateza umutekano muke
- Kutagira ukwigenga mu bijyanye n'umutungo
- Kwisuzugura (kumva uri hasi)
- Gutinya gutandukana/ gatanya
- Gutinya gatanya
- Gutinya gusekwa n'abandi
- Gutinya guharikwa
- Kugira umurongo w'ibitekerezo cyangwa imyemerere n'imigenzo.
- Gutinya ibifatwa nk'aho ari ibanga ry'urugo
- Gutinya gusiga abana
- Imyizerere ishingiyeye ku idini...

Gukwirakwiza ubutumwa bujyanye n'isano hagati y'uburinganire n'ihohoterwa.

Ubutumwa bw'ingenzi:

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rifite aho rihuriye no kubaka umuco w'uburinganire mu muryango; ntabwo akenshi abantu baryemera kubera ikibazo cy'ukuntu mu muco abantu bafata umugore n'umugabo.

ISOMO 1.3: IMPAMVU ZITUMA HABAHO IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA N'INGARUKA ZARYO**Intego:**

- Gufasha abaje mu mahugurwa kumva ibitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
- Gufasha abaje mu mahugurwa kugaragaza ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Igihe bimara: Isaha imwe n'igice

Uburyo: Ikusanyabitekerezo hamwe n'imikoro mu matsinda

Ibikoresho: amakaramu yandika binini, amakaramu mato, impapuro nini.

Amabwiriza**Impamvu**

Saba itsinda kugaragaza impamvu zishobora gutuma habaho ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ukoresheje igiti 1/3 ubona ku ipaji ikurikira, kora urutonde rw'impamvu abaje mu mahugurwa bagaragaza ko ari zo zituma habaho ihohoterwa rishingiye ku gitsina hanyuma babisangize abandi bari kumwe aho.

Impamvu zimwe na zimwe ziganza:

- Ukutangana gushingiye ku burunganire
- Ubusumbane mu bushobozi hagati y'umugabo n'umugore
- Abagabo batubaha abagore babo.

- Ukubura kw'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu bw'umugore n'ubw'umukobwa
- Kutagira icyo umuntu yabaza kubijyanye n'ibyo umuntu atekereza ku myitwarire y'umugabo n'umugore
- Kwifuza ubushobozi bwo kugenzura mu mwanya w'umugabo.
- Ububasha ahabwa na politiki, harimo gusambanya ku ngufu bigafatwa nk'intwari mu ntambara, kugenzura, gutera ubwoba.
- Kugira imyumvire ya gakondo, ishingiyeye ku migenzu ya kera.
- Imiryango imwe n'imwe ifite ibibazo kandi ugasanga rimwe na rimwe bamwe babitiza umurindi
- Ibikorwa bishingiyeye ku migenzu no ku mico, imyizerere ishingiyeye ku idini
- Inzoga, cyangwa ibiyobyabwenge
- Kugira ubwoba bwo kuba bakubitwa n'abagabo babo
- Gutakaza ingufu ku mugabo/ akamaro mu muryango; bagashakisha uburyo bazisubiza.
- Amategeko/ ubutabera/ amategeko amwe n'amwe ashyira abagore n'abana mu kato
- Kutagira ubumenyi buhagije mu bijyanye n'amategeko arwanyarwanya ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina
- Umuco wo kudahana abakoze ibyaha

Icyitonderwa k'umuntu ufasha mu mahugurwa

Aho ugomba kwibanda mu gihe cyo gutanga inshamake:

Ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina riba rirebana n'ibikorwa ku mubiri, mu bitekerezo, igitsina, umutungo ibi byose bikaba bikorwa bigenderewe ku burungirire kandi bikaba byose bifite imvano mu busumbane bushingiyeye ku gitsina. Niyo mpamvu ari ngombwa kongera mu imbaraga mu gucengeza ibijyanye n'uburungirire kugirango turwanye kandi dukumire ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina. Ibyo bishatse kuvuga ko tugomba kureba ibitera ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina, tugacukumbura icyabaye ku bagore, abakobwa cyangwa se abagabo n'abahungu kubera impamvu zivuye ku ivangura rishingiyeye ku gitsina. Ni byiza rwose kuvuga ku bijyanye n'ihohoterwa rikorwa mu gihe cyo gukora imibonano mpuzabitsina nka kimwe mu bigize ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina. Ingaruka z'ihohoterwa rishingiyeye ku gitsina ziragenda zikagera k'ubarikorewe ndetse no ku muryango mugari.

Ingaruka

Sobanura ko ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina zishobora kugaragara mu nzego zikurikira:

- 1) Ubuzima
- 2) Imyitwarire hamwe n'umuryango
- 3) Amategeko/ ubucamanza
- 4) Aho dutuye cyangwa uko tugaragara inyuma hamwe n'umutekano.

Shyira abaje mu mahugurwa mu matsinda ane hanyuma buri tsinda ribe rihagaririye buri rwego twavuze haruguru:

- Musubiremo amoko y' ihohoterwa rishingiye ku gitsina uhereye ku nzira ya mbere
- Mukore urutonde rw'ingaruka ziterwa n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina kandi muziganireho. Bagaragaze mo ingaruka k'umuntu ku giti cye wahohotewe hanyuma banagaragaze ingaruka ku muryango mugari, Leta ...
- Tegura igipapuro kinini kigaragaza urutonde rw'ingaruka zagiye zitangwa na buri tsinda.
- Saba buri tsinda gusoma urutonde rw'ingaruka banditse kandi bavuga cyane, uyoboye amahugurwa yandike ingero ashyize hejuru ahagaragara ku giti, asa nk'aho akora amashami.

Icyitonderwa ku muntu uyoboye amahugurwa

Ingaruka zimwe na zimwe z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina:

Ubuzima:

Ingaruka k'umuntu ku giti cye (uwahohotewe):

- Gukomeretswa
- Kuremara/ urupfu
- Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina hamwe na SIDA
- Gukomeretswa imyanya myibarukiro harimo no kwangiza inkondo y'umura y'inda ibyara
- Ibibazo biza ku bana
- Ubwandu
- Gusama utabishaka
- Kuvanamo inda utabishaka
- Guterwa umujinya, bigatuma umuntu ahorana uburwayi budakira

- Gutakaza ubushake bwo gukora imibonano mpuzabitsina no kugira ububabare mu gihe ayikoze
- Kugubwa nabi n'inda n'akazi, ububabare budashira hamwe n'izindi ndwara
- Kutabyara

Ingaruka ku muryango mugari:

- Kubura servisi z'ubuvuzi.
- Gutakaza amafaranga kugira ngo bite kubangijwe n'ingaruka z'ihohoterwa rishigiye ku gitsina.
- Kubera ihohoterwa rishingiye ku gitsina abantu ntibabasha gukora ngo biteze imbere banazamure ubukungu bw'igihugu.

Imico cyangwa imyitwarire:

Ingaruka k'umuntu wahohotewe:

- Ingaruka zishingiye ku myitwarire harimo ubwoba, hakazamo no kwiyanga.
- Kugira isoni, umutekano muke, kutagira imbaraga zo gukora akazi ushinzwe.
- Kumva byamurenze bikamutera kwigunga
- Ikibazo cyo kudasinzira no kutarya.
- Indwara zo mu mutwe z'uwakorewe ihohoterwa harimo kwiheba no kuba yakwiyahura
- Kuvuma, imanza cyangwa ibitekerezo k'umuntu wahohotewe, gutera umujinya, gufata uwahohotewe nk'aho ari igicibwa.

Ingaruka k'umuryango mugari:

Birahenze, kubura ingufu ku muryango wose, urugo, abaturanyi, inshuti, ibigo by'amashuri, abayobozi b'umuryango, Ibiga bitanga serivisi z'imibereho, Iyo ababikoze badafashwe ngo bahanwe ibi bitanga ubutumwa bubi cyane kuko abantu bose bagira ngo ni ibintu bisanzwe binemewe; ingaruka rero ni uko uko iminsi yigira imbere, bifata indi ntera.

Amategeko/ ubucamanza

- Polisi idata muri yombi/ inkiko nazo ziba zamaze kugera aho zifite ibitagenda muri zo.
- Ukutumvikana kuri bimwe yaba ku ruhande rw'abacamanza cyangwa abandi banyamategeko
- Ukwishyura gukorwa n'uwahohotewe
- Kutagira uburenganzira bwo kugira ibyo ukurikirana mu bijyanye n'amategeko kubera ubumenyi buke ku bijyanye n'amategeko ariho cyangwa kutagira ubushake k'uwakorewe ihohoterwa, bwo kuvuga ibyamubayeho kubera uburemere bw'ihohoterwa yakorewe.

Umutekano, aho dutuye:

- Abahohotewe biyumva nk'abadafite umutekano, nta ngufu, bafite ubwoba, guhora bafite ubwoba bwo kuba badatekanye, ibi bigatera abagore kumva nta burenganzira n'ubwisanzure bafite.
- Uruhare rw'umugore mu iterambere ntiruba rugaragara
- Gutinya kujya ku ishuri cyangwa ku kazi, ku isoko, n'ahandi

Ubutumwa bw'ingenzi:

Impamvu zitera ihohoterwa rishingiye ku gitsina akenshi usanga zihera cyangwa zishingiye k'umuco, k'umuryango, uburezi, kandi ingaruka zaryo zidindiza iterambere ry'abahohotewe.

Isomo 1.4 Abakorewe n'abakora ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Icyitonderwa:

Ijambo abahohotewe rikoresheya kugira ngo tugaragaze uwagezweho cyangwa uwakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ku banditsi bamwe na bamwe usanga bakoresheya niriya jambo bitewe n'urwego ihohoterwa ryakozweho (reba ku ntangiriro z'iki gitabo amagambo akunze gukoreshwa) Muri iki gitabo bemeje ko hajya hakoresheya ijamba abahohotewe aho gukoresha izindi mvugo.

Intego:

Kumva ubusobanuro bw'ijambo uwahohotewe hamwe n'uwahohoteye.

Igihe: iminota 15

Uburyo: Ibiganiro mu matsinda hamwe no gusobanura

Ibikoresho: impapuro, amakaramu manini n'ibindi bikoresho byo gukwirakwiza amakuru.

Amabwiriza:

Andika UWAHOHOTWE hanyuma wandike UWAHOHOTWEYE ku rupapuro runini

Saba itsinda gusobanura itandukaniro hagati y'aya magambo uko ari abiri.

Muganire kuri:

- Ni inde ushobora kuba yaba uwahohotewe?
- Ni inde ashobora kuba yaba uwahohoteye?

Sobanura ko uwahohotewe ari uwakoreweho ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Sobanura ko Uwahohoteye ari uwakoze ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Ashobora kuba umwe cyangwa benshi.

Saba abaje mu mahugurwa ko bakora urutonde rw'igice cy'abantu bashobora kuba abahohoteye- nta mazina, icyo basabwa ni ubwoko gusa. Hanyuma wandike ibisubizo ku gipapuro kinini. Komeza ubabaza kugeza aho ugira urutonde rw'abantu rurerure (byibuze abantu icumu batandukanye).

Icyitonderwa ku muntu uyoboye amahugurwa:

Byibuze abantu babiri bashobora kugira aho baturira n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina: uwakorewe icyo gikorwa hamwe n'uwagikoze. Iri somo riragerageza gusobanura byibuze abo bantu babiri, uwahohoteye n'uwahohotewe.

Ubutumwa bw'ingenzi:

Ku kintu cyose kirebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, haba hari uwahohoteye hamwe n'uwahohotewe. Kugirango habeho kurwanya ibi bikorwa hakenewe ko ikibazo gikemuka ku mpande zombi ku ruhare rw'uwahohoteye; iyo yagaragaye, hamwe n'uwahohotewe. Ubushakashatsi bwinshi bwakozwe bwagaragaje ko abagore aribo bakorerwa cyane ihohoterwa rishingiye ku gitsina kurusha abagabo, bitewe nuko sosiyete nyinshi zishingiye ku Mugabo (patriarchal societies).

Umutwe wa 6: NI BANDE BAHOHOTERA CYANGWA SE BAHOHOTERWA BISHINGIYE KU GITSINA ?

Abahohoterwa harimo:

- Abana, by'umwihariko abana birera bakiri bato cyangwa abashyizwe mu miryango.
- Abagore bafatwa nk'aho buri gihe bari mu gice cya kabiri, aho umuco ubafata nk'aho bari hasi
- Abagore batagira abagabo babitaho.
- Umugore cyangwa umugabo uba wenyine, ayoboye urugo
- Abagore cyangwa abagabo bafite ibibazo cyangwa uburwayi bwo mu mutwe.
- Abantu batihagije mu mutungo
- Abayobozi bakiri bato, baba ari abahungu cyangwa abakobwa, abanyeshuri, abasubijwe inyuma cyangwa abavukijwe uburenganzira bwabo n'imiryango.
- Abantu bafite imiryango itari migari urugero: ubwoko, amadini, harimo n'abagore basigajwe inyuma n'amateka
- Abatagira aho babarizwa, abimukira.

Uwahohoteye ni umuntu ku giti cye, itsinda ry'abantu, cyangwa ikigokirimo abantu bagaragara nk'aho bateza imbere ihohoterwa rishingiye ku gitsina, hakaba habamo ibikorwa bitesha umuntu cyangwa itsinda ry'abantu agaciro.

Ibiranga umuntu wakora ihohoterwa ni ibi bikurikira:

- Umuntu ufite cyangwa wumva ko afite ububasha runaka,
- Umuntu uri k'urwego rufata ibyemezo ,
- Umuntu uri mu buyobozi,

Ibyiciro by'abantu bashobora kuba baba abahohotera abandi:

- Abatera ubwoba abo babana (umugabo, umuhungu ufite inshuti ye y'umukobwa)
- Abantu bavuga rikijyana mu muryango (abarimu, abayobozi, abanyapolitiki)
- Abashinzwe umutekano, abasirikare, ababumbatira amahoro
- Abafasha abantu (impunzi k'urwego rw'igihugu cyangwa mpuzamahanga)
- Abanyamahanga

- Abo mugira icyo mupfana (basaza bawe, ba nyokorome cyangwa ba so wanyu, ababyeyi, nyogosenge, bashiki bawe, n'abandi
- Buri wese ugufiteho ububasha.

IGICE CYA 3:

**UKO IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA
RIHAGAZE KU RWEGO RW'IGIHUGU NO KU RWEGO
MPUZAMAHANGA**

Isomo 2.1: Uko ihohoterwa rishingiye ku gitsina rihagaze mu Rwanda no ku rwego mpuzamahanga

Intego:

Kugaragaza uko ibijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bimeze mu Rwanda no hanze yarwo.

Igihe bimara: iminota 30

Uburyo: ikusanyabitekerezo, gukoresha mudasobwa werekana amashusho cyangwa inyandiko wateguye ku mpapuro nini n'ibitekerezo bivuye mu baje mu mahugurwa ku birebana n'imibare yagaragaye.

Ibikoresho: ibipapuro binini, amakaramu manini, mudasobwa igendanwa, projegiteri.

Amabwiriza:

Uyoboye amahugurwa agerageza kugaragaza icyegeranyo kiri aha hasi.

Hanyuma agasaba abaje mu mahugurwa gutanga ibitekerezo byabo bahereye kuri icyo cyegeranyo

Umutwe wa 7: IMIBARE YO GUHERA 2006 KUGEZA 2009

35% by'abanyarwandakazi bari bafite ibibazo by'ihohoterwa rikorerwa mu ngo, 31% by'iryo hohoterwa ni irikorerwa ku mubiri, 13% ni abahura n' ihohoterwa rikorerwa ku gitsina, *32.3% ni abahura n'ihohoterwa rikorerwa mu miryango. Impamvu z'ingenzi zitera iryo hohoterwa ryo mu ngo nkuko abagore babyivugira ni: kunywa inzoga nyinshi 42.5%, kugira uburenganzira bwo kugenzura amafaranga mu rugo k'umuntu umwe 27.5%; ibibazo cyangwa intonganya zo mu ngo 17.5%; ibijyanye no kwita ku bana 15.4%. Umubare w'abagore n'abana bahohoterwa mu Rwanda ugenda uzamuka. Uburezi bw'abana b'abakobwa nabwo bugenda bugaragaza ko nta sano bufitanye n'ihohoterwa rikorerwa mu ngo: 33.5% by'abakorerwa ihohoterwa ryo mu ngo ntabwo bize hanyuma 25.5% by'abahohoterwa mu ngo bageze mu mashuri yisumbuye no muri kaminuza.*

Imbonerahamwe 1: Police y'u Rwanda igaragaza imibare ikurikira kubijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, hagati ya 2006 kugeza 2009

IBYAHA	2006	2007	2008	2009
Abana basambanyijwe	2033	2421	2051	1570
Ihohoterwa rishingiye ku gitsina	403	517	388	297
Ihoterwa ryo ku mubiri (gukomeretsa)	321	478	106	490
Abagore bishwe n'abagabo babo	35	22	27	16
Abagabo bishwe n'abagore babo	7	9	13	6
Kuvanamo inda	66	106	88	66
Ababyeyi biyiciye abana babo	83	52	48	50
Kwiyahura	2	28	13	28

Mu matsinda abiri, saba abaje mu mahugurwa ko baganira uko biriya bibazo bimeze mu gace kabo by'umwihariko mu cyaro (cyangwa se aho batuye / bakora) barebe uko ihohoterwa rikorwa n'ubwoko bwaryo. Uhugura agerageza kuvuga mu ncamake ibitekerezo byatanzwe n'amatsinda.

Ubutumwa bw'ingenzi:

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ntabwo twarirebera gusa mu mpapuro. Umuryango wose n'abakorerwa ihohoterwa bakagombye gukangurirwa kujya bamenyekanisha ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bakorerwa.

Isomo 2.2: Ihohoterwa rishingiye ku gitsina nk'ihutazwa ry'uburenganzira bwa muntu

Intego

- Gusobanukirwa n'isano iri hagati y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'uburenganzira bwa muntu
- Kurushaho gucengerwa n'amahame shingiro y'uburenganzira bwa muntu

- Kwerekana no kwimenyereza ubumenyi ngiro nkenerwa mu guteza imbere uburenganzira bw'abagore
- Kujya impaka zerekana ukuntu ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari ihutazwa ry'uburenganzira bwa muntu
- Gukomoza ku kamaro k'uburenganzira bwa muntu werekana isano bufitanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Uburyo: Kubumbira abantu mu matsinda n'ibiganiro

Ibikoresho: ibipapuro binini, amakaramu manini

Igihe bimara: Iminota 45

Amabwiriza

- Abaje mu mahugurwa, bagabanyemo amatsinda atanu
- Bahe iminota iri hagati ya 30 na 35
- Bakwirakwizemo udutabo (dukubiyemo incamake y'itangazo Mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu)
- Mu biganiro, saba abaje mu mahugurwa kwerekana ukuntu ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari icyaha gihungabanya uburenganzira bwa muntu
- Basabe gusubiza ibibazo bikurikira:
 - a) Kuki ku wa 10 Ukuboza 1948, Inteko rusange y'Umuryango w'Abibumye yemeje Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu?
 - b) Ni izihe ngingo muri iryo tangazo zitunga agatoki ihohoterwa rishingiye ku gitsina nk'ihutazwa ry'uburenganzira bwa muntu? Hera ku ngero zizwe mu ntangiriro z'iri somo.
 - c) Ni mu buhe buryo Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu, ryafasha abatuye isi muri rusange n'Abanyarwanda by'umwihariko kugabanya ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina?
 - d) Ni ikihe cyizere ryubaka mu bagore?
 - e) Hari ibihugu bimwe na bimwe bitashyize umukono kuri iri tangazo kubera ko bihakana ihame ry'uburinganire. Mugire icyo mubiganiraho.

Icyitonderwa ku muntu uyoboye amahugurwa:

Mbere yo gutangira iri somo, ukoresha amahugurwa agerageza gusobanurira abayajemo ko ibyo agiye kubasobanurira bibafasha kumva neza isano iri hagati y'uburenganzira bwa kiremwanuntu n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Ibikorwa byose biganisha ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ni ukubuza umuntu uburenganzira bwe.

Iri somo mu magambo make rigaragaza uburenganzira bwa muntu mu bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, kandi na none bigafasha abaje mu mahugurwa kumva neza icyo **ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari cyo**; Uburenganzira bwa muntu ni rusange ku isi yose, nta wabuhindura, bufitanye isano kandi burakenerana.

- Buri wese akenera uburenganzira bwa muntu, ubwisanzure, nta vangura iryo ariryo ryose ryaba irishingiye k' ubwoko, ibara ry'uruho, idini, politiki, ibitekerezo, ubwenegihugu, amavuko, cyangwa se indi mpamvu.
- Kurinda no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina bihuje no kurinda uburenganzira bwa muntu.
- Ibikorwa byose biganisha ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina bibangamira amahame agenga uburenganzira bwa muntu nk'uko bigaragara mu masezerano-mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu:
 - Uburenganzira bwo kubaho, kwisanzura n'umutekano by'umuntu,
 - Kugira uburenganzira buhagije ku mubiri ndetse no ku buzima,

Uburenganzira bwo kurindwa ikandamizwa, gushinyagurirwa, guteshwa agaciro, gufatwa nk'aho utari umuntu, gufatwa nk'umuntu wo hasi, ibihano, Uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo, kutaniganwa ijamba, kwiga, kugira uburenganzira k'umuryango hamwe no kwiteza imbere.

Umutwe wa 8: ITANGAZO MPUZAMAHANGA RYEREKEYE UBURENGANZIRA BWA MUNTU

Itangazo mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu

Mu mpapuro zikurikira, murasangamo itangazo mpuzamahanga ku burengazira bwa muntu, ryashyizwe ahagaragara n'Inteko rusange y'Umuryango w'Abibumbye, ku wa 10 Ukuboza 1948. Kugira ngo iki gikorwa kitazibagirana mu mateka, Inteko rusange yasabye ibihugu byose biyigize, kwamamaza iri tangazo kugira ngo rimenyekane, rikoreshwe, risomwe kandi ryigishwe mu mashuri mato na za Kaminuza, nta kurobanura ibihugu hifashishijwe imirongo ya politiki.

Iriburiro

Imaze kubona ko kwemera ko agaciro k'abagize umuryango w'abantu bose n'uburenganzira bwabo bungana kandi budashobora kvanwaho, ari ishingiro ry'ubwisanzure, ubutabera n'amahoro ku isi.

Imaze kubona ko kutemera no gutesha agaciro uburenganzira bwa muntu byabaye intandaro y'ibikorwa bya kinyamaswa bihungabanya imitekerereze y'abantu kandi ko kubaho ku isi izaba irimo abantu bazagira ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ukwemera kwabo, batazitiwe n'iterabwoba n'ubukene ari byo byatangajwe nk'icyifuzo cy'ibanze cyari gitegerejwe na buri muntu.

Imaze kubona ko ari ngombwa ko uburenganzira bwa buri muntu burengerwa n'ubutegetsu bugendera ku mategeko, kugira ngo umuntu adahatirwa, ku bw'amaburakindi, kwivumbura ku butegetsu bw'igitugu kandi bukandamiza abantu.

Imaze kubona ko ari ngombwa gushishikariza iterambere ry'imibanire ya gicuti hagati y'ibihugu,

Imaze kubona ko mu Masezerano mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye, abaturage b'ibihugu biwugize bongeye gutangaza ukwemera kwabo mu burenganzira bw'ibanze bwa muntu, mu cyubahiro n'agaciro ka muntu, mu burenganzira bungana hagati y'umugore n'umugabo kandi ko biyemeje gutuma habaho iterambere n'imibereho myiza mu bwisanzure busesuye,

Imaze kubona ko ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bifatanyije n'uwo umuryango biyemeje guharanira iyubahirizwa nyakuri ry'uburenganzira bw'ibanze n'ubwisanzure bya muntu ku isi hose,

Imaze kubona ko kumva kimwe ubwo burenganzira n'ubwo bwisanzure bifite

akamaro gakomeye kugira ngo ibyemejwe kugerwaho bishoboke,

Kuva ubu, Inteko rusange y'Umuryango w'Abibumbye, itangaje iri Tangazo mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bwa muntu nk'intego rusange abaturage bose n'ibihugu byose bagomba kugenderaho kugira ngo abantu bose n'ibyiciro byose bigize imbaga y'abantu barizirikane iteka kandi bagerageze bifashishije inyigisho n'uburezi, guteza imbere iyubahirizwa ry'ubwo burenganzira n'ubwo bwisanzure, kandi bifashishije ingamba zo mu gihugu i n'izo mu rwego mpuzamahanga, baharanire ko ubwo burenganzira n'ubwo bwisanzure bushyirwa mu bikorwa ku isi hose n'abaturage b'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye, ndetse n'abari mu buyobozi bwabyo.

Ingingo ya mbere

Abantu bose bavuka bigenga kandi bareshya mu gaciro no mu burenganzira. Bafite ubwenge n'umutimanama kandi bagomba kubana kivandimwe.

Ingingo ya 2

Umuntu wese afite uburenganzira n'ubwisanzure bwose butangajwe muri iri Tangazo Mpuzamahanga, nta vangura iryo ari ryo ryose nk'iryaba rishingiye ku bwoko, ku ibara ry'uruhu, ku gitsina, ku rurimi, ku idini, ku bitekerezo bya politiki, cyangwa ku bindi bitekerezo, byaba bishingiye ku gihugu umuntu akomokamo cyangwa imibereho ye, umutungo, ivuko cyangwa ibindi byose bijyanye n'imibereho ye mu gihugu cyangwa mu karere umuntu akomokamo, cyaba cyigenga cyangwa cyitigenga, indagizo, cyangwa gifite inzitizi izo arizo zose k'ubusugire bwacyo.

Ingingo ya 3

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho, bwo kwishyira akizana no kurindirwa umutekano.

Ingingo ya 4

Nta muntu ushobora gushyirwa mu bucakara cyangwa ngo agirwe umuja, ubucakara n'icuruzwa ry'abantu uko byakorwa kose birabujijwe.

Ingingo ya 5

Nta muntu uzicwa urubozo cyangwa ahanishwe ibihano cyangwa ibikorwa birimo ubugome bukabije, bimwambura ubumuntu cyangwa bimutesha agaciro.

Ingingo ya 6

Buri muntu afite uburenganzira ku buzima gatozi aho ari ho hose nk'umuntu

imbere y'itegeko.

Ingingo ya 7

Abantu bose barareshya imbere y'amategeko kandi barengerwa ku buryo bungana n'itegeko nta vangura iryo ari ryo ryose. Abantu bose bagomba kurindwa kimwe ivangura iryo ari ryo ryose ribangamira iri tangazo hamwe n'icyateza iryo vangura icyo ari cyo cyose.

Ingingo ya 8

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kuregera inkiko z'igihugu zibifitiye ububasha ibikorwa byose bihutaza uburenganzira bw'ibanze yemererwa n'itegeko nshinga n'andi mategeko.

Ingingo ya 9

Nta muntu ugomba gufatwa, gufungwa binyuranyije n'amategeko cyangwa gucirirwa hanze y'igihugu.

Ingingo ya 10

Buri muntu, mu buryo bungana n'ubw'abandi, afite uburenganzira bwo kuburanishwa mu buryo buboneye kandi mu ruhame n'urukiko rwigenga kandi rutabogamye, ruzemeza ibyo afiteho uburenganzira n'ibyo ategetswe gukora ndetse n'iby'icyaha cyose akurikiranyweho.

Ingingo ya 11

- (1) Umuntu wese ukurikiranyweho icyaha afite uburenganzira bwo kwitwa umwere igihe cyose icyaha cyitaramuhama mu buryo buteganywa n'itegeko mu rubanza ruburanishirijwe mu ruhame kandi yahawe uburyo bwose bwa ngombwa bwo kwiregura.

(2) Nta muntu ushobora guhanirwa ibyo yakoze cyangwa atakoze iyo amategeko y'igihugu cye cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igihe byakorwaga. Na none ntawushobora guhabwa igihano kiruta icyari giteganyijwe mu gihe icyo cyaha cyakorwaga.

Ingingo ya 12

Imibereho bwite y'umuntu, iy'umuryango we, urugo rwe, ubutumwa yoherezwa n'abandi ntibivogerwa, icyubahiro n'agaciro ke mu maso y'abandi nabyo

ntibivogerwa. Umuntu wese afite uburenganzira bwo kurindwa n'amategeko iryo vogerwa n'iryo hungabanywa.

Ingingo ya 13

(1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugenda no gutura aho ashaka hose mu gihugu.

(2) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kuva mu gihugu icyo ari cyo cyose, harimo n'igihugu cye, afite kandi uburenganzira bwo kugaruka mu gihugu cye.

Ingingo ya 14

(1) Igihe hari itotezwa umuntu wese afite uburenganzira bwo gusaba no guhabwa ubuhungiro mu bindi bihugu.

(2) Ubwo burenganzira ntibushobora kwitwazwa mu gihe ibikurikiranywe bishingiye ku byaha bisanzwe cyangwa ku bikorwa binyuraniye n'intego cyangwa amahame by'Umuryango w'Abibumbye.

Ingingo ya 15

(1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugira ubwenegihugu.

(2) Nta muntu ushobora kwamburwa ubwenegihugu bwe ku buryo bunyuraniye n'amategeko cyangwa ngo abuzwe uburenganzira bwo kubuhindura.

Ingingo ya 16

(1) Ku myaka y'ubukure, abasore n'inkumi bafite uburenganzira bwo gushyingirwa no gushinga urugo nta nzitizi n'imwe yaba ishingiyeye ku bwoko, ku bwenegihugu cyangwa ku idini. Bagira uburenganzira bungana mu gihe bashyingirwa, mu gihe babana no mu gihe cyo gutandukana.

(2) Ubushyingiranwe bukorwa mu bwisanzure no ku bushake busesuye bw'abagiye gushyingiranwa.

(3) Umuryango niwo shingiro kamere w'imbaga y'abantu, ugomba kuremerwa n'iyi mbaga y'abantu na Leta.

Ingingo ya 17

(1) Umuntu wese ku giti cye cyangwa yifatanyije n'abandi, afite uburenganzira bwo kugira umutungo.

(2) Ntawe ushobora kwamburwa umutungo we ku buryo bunyuranyije n'amategeko.

Ingingo ya 18

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kwisanzura mu gutanga ibitekerezo , umutimanama no guhitamo idini; ubwo burenganzira bukubiyemo ubwisanzure mu guhindura idini cyangwa imyemerere hamwe n'ubwo kubigaragaza, umuntu ari wenyine cyangwa ari hamwe n'abandi, mu ruhamwe cyangwa mu bwihereho yifashishije inyigisho, imigenzo, gusenga no gukora imihango ijyanye no gusenga.

Ingingo ya 19

Umuntu wese afite ubwisanzure bwo kugira ibitekerezo no kubitangaza. Ubwo burenganzira bukubiyemo uburenganzira bwo kudahozwa ku nkeke kubera ibitekerezo by'umuntu, ubwo gushaka, kwakira no gusangira amakuru n'ibitekerezo hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kubitangaza nta nzitizi zishingiye ku mipaka y'ibihugu.

Ingingo ya 20

(1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo guteranira mu nama no mu mashyirahamwe mu ituze.

(2) Nta muntu ushobora guhatirwa kwinjira mu ishyirahamwe.

Ingingo ya 21

(1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugira uruhare mu miyoborere yigihugu cyeye, we ku giti cyeye cyangwa abinyujije ku bamuhagarariye yihitiyemo mu bwisanzure.

(2) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kujya mu mirimo y'ubuyobozi bw'igihugu ku buryo bungana n'ubw'abandi.

(3) Ubushake bw'abaturage ni bwo shingiro ry'ubuyobozi bw'igihugu. Ubwo bushake bugomba kugaragarira mu matora atarimo uburiganya, akorwa mu buryo bwagenwe kandi bwa rusange, bungana kuri bose kandi mu ibanga cyangwa hakoreshejwe ubundi buryo butanga ubwisanzure mu itora bwafatwa kimwe n'ubwo bwavuzwe.

Ingingo ya 22

Umuntu wese nk'umwe mu bagize imbaga y'abantu, afite uburenganzira bwo guteganyirizwa, akwiye ku buryo buhagije kugira uburenganzira mu

by'ubukungu, mu mibereho myiza no mu muco bikenewe ku gaciro no ku iterambere risesuye rya kamere muntu hakoreshejwe imbaraga zo mu rwego rw'igihugu n'ubufatanye mpuzamahanga kandi hitawe ku miterere n'ubukungu bwa buri gihugu.

Ingingo ya 23

(1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugira umurimo, kuwuhitamo mu bwisanzure mu buryo buboneye kandi bwujuje ibikenewe mu bijyanye n'umurimo, agomba kandi kurindwa ubushomeri.

(2) Abantu bose bakora umurimo umwe bagomba guhembwa umushahara ungana nta vangura na rimwe.

(3) Umuntu wese ukora umurimo afite uburenganzira bwo guhabwa umushahara ukwiriye kandi uhagiye utuma we n'umuryango we babaho ku buryo bubereye agaciro ka muntu kandi byaba ngombwa, uwo mushahara ukuzuzwa n'ubundi buryo bugamije kurengera imibereho myiza.

(4) Umuntu wese afite uburenganzira bwo gufatanya n'abandi gushinga ingaga z'abakozi n'ubwo kwinjira mu zindi nganga mu rwego rwo kurengera inyungu zabo.

Ingingo ya 24

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kuruhuka no kwidagadura hashyirwaho cyane cyane igihe ntarengwa cy'amasaha y'umurimo n'ikiruhuko gihoraho gihemberwa.

Ingingo ya 25

(1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubona ibikenerwa mu buzima bihagije, bituma we n'umuryango we bagira ubuzima bwiza, imibereho myiza, muri byo harimo cyane cyane ibiribwa, imyambaro, icumbi, kuvurwa hamwe n'ibindi bya ngombwa bijyanye n'imibereho myiza, agomba kandi kurengerwa mu gihe adafite umurimo, arwaye, amugaye, apfakaye, ashaje cyangwa mu bindi bihe atakaje uburyo bwo kwibeshaho bidaturutse ku bushake bwe.

(2) Ababyeyi n'abana bagomba gufashwa no guterwa inkunga ku buryo bwihariye. Abana bose, ari abavutse ku babyeyi bashyingiranywe, ari abavutse ku babyeyi batashyingiranywe bagomba kurengerwa kimwe mu mibereho yabo

Ingingo ya 26

(1) Umuntu wese afite uburenganzira ku burezi. Uburezi nibura mu mashuri

abanza ni ubuntu. Kwiga amashuri abanza ni itegeko. Inyigisho za tekiniiki n'imyuga zigomba gukwirakwizwa hose kandi kwakirwa mu mashuri makuru bikemererwa abantu bose ku buryo bungana hakurikijwe ubushobozi bwabo.

(2) Uburezi bugomba guteza imbere kamere ya muntu kandi bugashimangira iyubahirzwa ry'uburenganzira bw'ibanze n'ubwisanzure bwa muntu. Bugomba gutuma habaho ubwumvikane, ubworoherane n'ubucuti hagati y'ibihugu no hagati y'amoko cyangwa amadini, bugomba no guteza imbere ibikorwa by'Umuryango w'Abibumbye bigamije gushimangira amahoro.

(3) Ababyeyi nabo bafite uburenganzira bwo gutoranyiriza abana babo uburezi bagomba guhabwa.

Ingingo ya 27

(1) Umuntu wese afite uburenganzira bwo kugira uruhare mu bikorwa ndangamuco by'umuryango, kugira uruhare ku byiza bikomoka k'ubuhanzi, ubugeni, no ku iterambere ry'ikoranabuhanga.

(2) Inyungu n'ibikorwa bikomoka ku ikoranabuhanga, inyandiko, ubuhanzi cyangwa ubugeni bigomba kurengerwa.

Ingingo ya 28

Umuntu wese afite uburenganzira bw'uko habaho amategeko hagati y'imibanire y'abantu no ku rwego mpuzamahanga, kugira ngo uburenganzira n'ubwisanzure bivugwa muri iri Tangazo bushobore gushyirwa mu bkorwa.

Ingingo ya 29

(1) Umuntu agira inshingano ku mbaga y'abantu babana, ari ho honyine hashobora kuba ubwisanzure n'iterambere ryuzuye rya kamere ya muntu.

(2) Mu gukoresha uburenganzira n'ubwisanzure bwe, buri muntu azitirwa gusa n'ibiteganywa n'amategeko kugira ngo uburenganzira n'ubwisanzure bw'abandi bimenyekane kandi byubahirizwe kandi n'ibisabwa n'umuco, umutekano rusange n'imbereho myiza muri rusange mu gihugu kigendera kuri demukarasi byuzuzwe.

(3) Ubwo burenganzira n'ubwo bwisanzure ntibishobora na rimwe gukoreshwa binyuraniye n'intego n'amahame y'Umuryango w'Abibumbye.

Ingingo ya 30

Nta ngingo n'imwe y'iri Tangazo ishobora gufatwa nk'aho iha Leta, abantu bishyize hamwe cyangwa umuntu ku giti cye, uburenganzira bwo kwishora cyangwa gukora igikorwa kigamiye kuvanaho uburenganzira n'ubwisanzure birikubiyemo.

Ubutumwa bw'ingenzi:

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina, ni igikorwa gitesha agaciro inyoko muntu, ariko na none rishobora gusobanurwa nk'ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu.

2.3 Urwego rw'amategeko mpuzamahanga n'ay'imbere mu gihugu

Intego: Kumenyereza abahugurwa ibijyanye n'amategeko mpuzamahanga n'ay'imbere mu gihugu

Amabwiriza: Hashobora kwifashishwa umutumirwa akageza ku bahugurwa ikiganiro ndetse n'ibitabo by'ayo mategeko.

2.3.1 Amategeko y'igihugu arebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

- Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003
- Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12 Ugushyingo 1999 ryuzuza igitabo cy'amategeko mbonezamubano rishyiraho igika cya gatanu ku birebana n'umuryango n'izungura
- Itegeko no 59/2008 rirebana no gukumira no guhana ibyaha bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryasohotse mu Igazeti ya Leta n° 14 yo ku wa 06 Mata 2009.
- Itegeko ngenga N° 08/2005 ryo ku wa 14 Nyakanga 2005 rigena imitunganyirize n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda
- Itegeko No. 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 rirebana n'uburenganzira no kurinda abana ihohoterwa

2.3.2 Amategeko mpuzamahanga arebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Amategeko y'ingenzi arengera uburenganzira bwa muntu

Ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, bihungabanya amahame atagira ingano y'amategeko mpuzamahanga arengera uburenganzira bwa muntu

K'ubuzima, uburinganire, umudendezo w'abantu, uburenganzira bungana mu kurengerwa imbere y'amategeko, kurindwa iyicwarubozo n'ibindi bikorwa bya kinyamaswa bitesha agaciro inyokomuntu.

Ay'ingenzi muri yo akaba ari:

- Amasezerano mpuzamahanga arebana n'uburenganzira bw'abana yo mu 1989 hamwe n'umugereka wayo uca burundu icuruzwa ry'abana, kubakoresha mu mikino iteye isoni, n'uburaya,
- Amasezerano mpuzamahanga agamije guca ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore CEDAW, yo mu 1981
- Itangazo ry'Inteko rusange y'umuryango w'abibumbye rika burundu ihohoterwa rikorerwa abari n'abategarugori ryo mu 1993,
- Amasezerano y'i Roma ashiraho Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha yatangiye gukurikizwa muri Nyakanga 2002,
- Umugereka w'Amasezerano mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye aca burundu akanahana icyaha cy'icuruzwa ry'abantu, cyane cyane abana n'abagore yashyizweho umukono mu 2000) ,
- Umwanzuro wa 1325 w'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe umutekano ku isi (UNSCR) ,
- Umwanzuro wa 1820 w'Inama y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe umutekano ku isi (UNSCR).

IGICE CYA 4:

**KURWANYA NO GUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE
KU GITSINA**

Isomo 3.1 Ingamba zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Gukangurira abagabo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina

- Impinduka mu mibereho y'abaturage: Guhindura imitekerereze y'abantu (guhindura imigenzo n'umuco, no kurushaho gukangurira abantu ibijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina) ,
- Gushyiraho uburyo buboneye, harimo no kongerera ubushobozi inzego zisanzweho ,
- Kubikangurira abanyamadini no kubongerera ubushobozi ,
- Kongerera ubushobozi abaturage kugira ngo bahangane n'ibibazo bahura nabyo ,
- Kwigisha no gusobanura itegeko rikumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'andi mategeko arishamikiyeho.

Ubuwugizi mu baturage

a) Inkunga y'abaturage n'abayobozi babo ni iyihe? (Saba abahugurwa kubitangaho ibitekerezo)

- Gushishikariza abantu kuganira ku burunganire mu ruhame, bakerekana icyo ingufu zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina zihindura ku migenzo ya kera,
- Guhamagaza inama zo kubikangurira abaturage,
- Gushyigikira gahunda z'ibikorwa no gukurikirana uko bikorwa,
- Kurushaho kwita ku bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina,
- Kurwanya amakimbirane mu ngo ,
- Gushishikariza abantu gutanga za servisi nziza,
- Kubungabunga no kubahiriza uburenganzira bwa muntu ,
- Kurinda itotezwa abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina
- Gukora ku buryo abaturage bahindura imibereho yabo ya gakondo.

b) Ni bande bakeneye ubufasha bw'abayobozi b'inzego z'ibanze?

- Abari n'abategarugori bahohotewe, babana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, bakunze guhabwa akato, bagahorana ikimwaro n'ubwigunge. Bakeneye ubufasha bwa buri wese kugira ngo basubirane intege bongere biyumvemo ubumuntu,
- Abagabo bagerageza kwigira intare bagenzura abagore babo kuko kenshi nabo usanga bishyira mu kato. Mu gufasha aba bagabo, wabakangurira

- gukomera ku cyemezo cyo guca ukubiri n'ihohotera
- Ab'inkwakuzi baharanira uburenganzira bw'abagore bakanarwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, aba nabo bakunze guhabwa akato cyane cyane mu turere tukirangwamo imico ihabanye n'ihame ry'uburinganire,
 - Abayobozi bafatanyaga n'inkwakuzi mu guharanira ubufatanye n'ubusugire bw'ingo n'umuryango.

c) Urutonde rw'igenzura rya gahunda yo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa mu ngo

- Gukora urutonde aho utuye rw'abayobozi b'ibanze, ibigo n'inzego zigira uruhare mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina,
- Mu gutekereza ku bireba Leta, wigarukira gusa ku bafite mu nshingano zabo uburinganire niba hari abahari. Ongeramo n'izindi nzego za Leta na gakondo. Wibuke ko abo bayobozi hari inshingano runaka bafite, unatekereze no ku bandi bantu bubashywe mu baturage, b'abavuga rikijyana. Ushyiremo n'abayobozi b'amadini ndetse n'andi matsinda yihariye,
- Na none hakitabwaho amashyirahamwe y'abaturage, abafite imirimo itandukanye n'imiryango itegamiye kuri Leta,
- Nyuma yo gukora urwo rutonde, ugomba guhitamo abo ukenera mbere na mbere. Muri abo hari abazakwitabira kuba mwakorana. Abo nibo ugomba kubanzirizaho. Akazi kazakorohera nuramuka wumvishije abo biyemeje kugufasha, kuba ari bo batangira kwigisha uburinganire hamwe n'ubusumbane bugaragarira cyane cyane mu bushobozi,

Niba uhuye n'umuyobozi cyangwa umuryango runaka ku nshuro ya mbere, itwaze urutonde rw'ibibazo muri buganireho. Bimwe muri ibyo bibazo ni ibi bikurikira:

1. Ku bwanyu, ihohoterwa rishingiye ku gitsina muryumva mute?
2. Ese musanga ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari ikibazo kibangamiye abaturage? Niba ari ikibazo ni ukubera izihe mpamvu cyangwa niba atari ikibazo bituruka kuki?
3. Niba nk'umugore akugejejeho ihohoterwa yahuye naryo, wabyitwaramo ute?
4. Ni ibihe bikorwa twakora ngo dutenze imbere uburinganire mu baturage bacu?
5. Ni ubuhe buryo cyangwa politiki ihari irebana n'ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina? Mwebwe uko mubibona, ni ubuhe buryo bundi na politiki zatugirira akamaro muri urwo rwego?

6. Ni iki mutekereza cyakorwa n'abagore ndetse n'abagabo ngo ibibazo bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina bikemurwe?
7. Ni iki mwebwe na bagenzi bawe b'abayobozi mwakora kugira ngo mukemure ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina?
8. Ni iki twabafasha mukazi kanyu ko kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina? Mwebwe mwumva twe mwadufasha iki?

Ubusobanuro bwimbitse: Intego nyamukuru y'uyu mubonano ni ukumenyana no gusabana n'abayobozi. Mugomba kugerageza kubatega amatwi kurusha uko mubabwira. Mugomba kwibanda ku ngingo muhurizaho no kumenya ibikorwa na gahunda mwafatanyamo.

UBUVUGIZI MU NZEGO Z'IBANZE

Hari imwe mu mirimo mwafatanyaga n'abayobozi, ibigo n'inzego zegereye abaturage.

Icyo wakora:

1. Gufatanyaga n'abayobozi mu biganiriro mpaka, bakagira n'uruhare mu gikorwa cy'ubuvugizi,
2. Kwibanda ku bikorwa bishobora kugerwaho,
3. Gutanga gihanywe y'ibibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uhitemo n'uburyo buboneye bwo kugikemura,
4. Ujye ushimira abayobozi bageze ku ntego biyemeje,
5. Ujye uhora umenyesha abayobozi ibyo ukora,
6. Ujye wibuka ko abayobozi nta mwanya uhagije baba bafite kuko hari n'izindi nshingano ziba zibategereje.
7. Ubibutse ko ibyo ukora hari inyungu bizagirira abaturage. Urebe ukuntu wakerekana isano iri hagati y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'icyorezo cya SIDA, ubusugire bw'ingingo n'ubuzima buzira umuze. Ubereke ko ukora imirimo ikomeye ubufasha bwabo, kandi ifitiye akamaro abaturage bayobora,
8. Shakisha imbarutso waheraho. Ushakisha ingingo mwakwemeranyaho.
9. Wibuke ko kubaka ubucuti bifata igihe,
10. Wibuke ko abayobozi bagomba kuba ari abantu barenze imico n'imigenzo iha agaciro umugabo kurusha umugore,
11. Ufashe abayobozi b'ibanze kwinjiza uburinganire muri gahunda zose n'inzego z'ubuzima bw'abaturage,

12. Witabire inama zose z'igenamigambi, ufatemo ijambo uvuge k'uburinganire, ubusumbane n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ,
13. Ugenzure kandi werekane inzego za Leta zisanzweho ariko zidakora inshingano zazo. Uzivuganire uzifasha gushaka abafatanyabikorwa, uzifashe guhitamo gahunda zihutirwa, uhure nazo buri gihe kandi zigire ingengabihe y'ibikorwa. Niba kandi izo nzego zitariho ,usabe ko zashyirwaho,
14. Gukangurira inzego kugaragaza ibyo zikora, ushyire ku mugaragaro imihigo yazo n'ibyo zashoboye kugeraho,
15. Tanga icyerekezo na gahunda z'ibikorwa byashyirwa imbere. Ntibihagije kugaya ibyakozwe nabi ahubwo erekana inzira byakosorwamo,
16. Ifatanye n'indi miryango n'andi mashyirahamwe afite ibikorwa bikenera inkunga y'abayobozi b'ibanze. Shyira mu bikorwa ibyo wigisha, nibyo bizaguhesha agaciro imbere y'abayobozi,

Icyo utakora:

- Kwegera abayobozi gusa ari uko ubakeneye,
- Kwizera ko kugera ku ntego no gutera intambwe igana imbere byizana,
- Kugerageza guhindurira ibintu byose icyarimwe. Impinduka ni igikorwa gihurirwaho n'abantu bibumbiye hamwe.

Korana umwete kandi ushimire abayobozi aho bibaye ngombwa . Abahugurwa bashobora kongera ibitekerezo kuri uru rutonde, kandi bese bakabigiramo uruhare .

Isomo 3.2 Ingamba zo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Hari inzego zisabwa ibisubizo mu rugamba rwo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina¹

¹ Republic of Rwanda, Gender monitoring Office, Assessment of interventions programs for gender based violence prevention and response, page 37

Inzego bireba	Ibikorwa bikenewe	Ubwoko bw'ihohoterwa
INZEGO ZISHINZWE UMUTEKANO NA POLISI Y'IGIHUGU	<p>Iperereza; Guta muri yombi ukekwa icyaha; Kugeza dosiye mu rukiko (...); Kubwira abagabo ko guhoza abagore ku nkeke bitemewe;</p> <ul style="list-style-type: none"> • Gutanga amakuru, umurongo wa telephone, ubufasha n'ubujyanama ku batangabuhamya; • Kubungabunga umutekano w'abahohotewe • Kubungabunga umutekano w'abana no gufasha uwahohotewe gusubira mu buzima busanzwe. • Gukurikiranira hafi imibereho y'abahohotewe 	<p>Gufatwa ku ngufu; Guhozwa ku nkeke; gukubitwa</p>
IBITARO, AMAVURIRO N'IBIGO NDERABUZIMA	<ul style="list-style-type: none"> • Kumenya neza uko ihohoterwa ryagenze; • Gukora ibizamini birambuye ku ihohoterwa, ibimenyetso byose byaryo bigakusanywa bigashyikirizwa ubushinjacyaha;(byabana ngombwa hagakorwa ibizamini ku bafashwe ku 	<p>Gufatwa ku ngufu; Guhozwa ku nkeke; gukubitwa</p>

Inzego bireba	Ibikorwa bikenewe	Ubwoko bw'ihohoterwa
	ngufu); <ul style="list-style-type: none"> • Kuvura ibikomere n'imvune zose; • Gusuzuma niba nta gusama kwabayeho (byibuze mu masaha); • Kuvura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina • Kuyobora no gukurikiranira hafi uwahohotewe 	
INZEGO Z'UBUYOBO ZI N'IMIRYAN GO ITEGAMIY E KURI LETA	<ul style="list-style-type: none"> • Gutega amatwi uwahohotewe; • Kumvisha umugore wahohotewe ko amakosa atari aye, ugaha agaciro ibyo akubwiye, ukumva ishingiro z'isoni ze, uburakari, ubwoba no kubura amahoro bye; • Mwumvishe ko mwifatikanyije mu kababaro unamuhe ubujyanama; • Mubikire ibanga; • • Muhe ubufashamu by'amategeko (harimo no kumushakira ubwunganizi mu nkiko) • Mufashe kumenya imishinga ibyara inyungu mu rwego rwo kumusubiza mu 	Gufatwa ku ngufu; Guhozwa ku nkeke;

Inzego bireba	Ibikorwa bikenewe	Ubwoko bw'ihohoterwa
	<p>buzima busanzwe;</p> <ul style="list-style-type: none"> • Mushyire muri gahunda zo kumwigisha imyuga • Kuyobora no gukurikiranira hafi uwahohotewe. 	
AMATEGEKO/ INZEGO Z'UBUTABERA	<p>Gushinja icyaha; Gukurikiza amategeko uwakoze icyaha akabiryoze; Ubufasha mu by'amategeko (harimo n'ubwunganizi mu rubanza) Guha indishyi z'akababaro uwahohotewe.</p>	<p>Gufatwa ku ngufu; Guhozwa ku nkeke; Gukubitwa Kwamburwa imitungo</p>
INGO N'ABATURAGE	<p>Gutega amatwi no guhumuriza uwahohotewe; Gufasha uwahohotewe ntahishire ibyamubayeho kugira ngo ahabwe ubutabera n'indishyi z'akababaro; Kumuba hafi no kumuyobora; Kwifatanya nawe no kumuha ubujyanama; Kumubikira ibanga.</p>	

IMIYOBORO Y'IBIKORWA BYO KURWANYA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA² (GMO, ipaji 55 gukomeza):

Mu bikorwa byokwita ku bahohotewe harimo kubarindira umutekano, kubavuzza, kubaha ubujyanama no kubafasha guteza imbere imibereho yabo, bakanunganirwa mu mategeko .Ubwo bufasha bashobora kubuhabwa n'inzego zitandukanye nka: ibitaro n'amavuriro, inzego z'ubuyobozi uhereye ku z'ibanze, Polisi y'igihugu, inzego z'ubutabera no mu zindi nzego zikorera mu baturage nk'iz'imiryango itegamiye kuri Leta ndetse n'imiryango y'abahohotewe. Abayobozi batandukanye, baturage n'imiryango y'abahohotewe bafite inshingano zikomeye zo kwita kuyobora no kubaha ubufasha babakeneyeho. Ku ikubitiro muri ubwo bufasha ni ukubageza kwa muganga, noneho izindi nzego zigakora ubufasha bukurikiyeho.

Ubutumwa bw'ingenzi:

Byumvikana neza ku bahugurwa ko gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina atari umurimo ukorwa mu gihe cy'umunsi umwe; ko ahubwo ari umurimo wa buri wese, kwihangana, ubuvugizi, gutanga no kunoza servisi nziza mu nzego zose. Abahugurwa bagomba kwiyemeza igikorwa cy'ubuvugizi, gutanga raporo no gushyikiriza inzego bireba ibikorwa by'ihohoterwa byabereye mu duce bashinzwe.

² Republic of Rwanda, Gender monitoring Office, Assessment of interventions programs for gender based violence prevention and response, page 55

IGICE CYA 5:

**GUHUZA, KUGENZURA NO GUSESENGURA IBIKORWA
BYO GUKUMIRA IHOHOTERWA RISHINGIYE KU
GITSINA**

Isomo 4.1: Ibirango by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Ingeri eshatu z'ibirango nizo zatejwe imbere mu kugenzura inzira, umusaruro n'inyungu zogukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Igenzura			Isesengura	
Ibyakozwe	Inzira	Ibyavuyemo	Umusaruro	Inyungu
Gutanga amafaranga Ubufasha Ibikoresho Abakozi	Amahugurwa Ubukangurambaga Inama	Ubumenyi; Abaturage barasobanukiwe; Kwegerezwa ubufasha, kwitabwaho no kurindirwa umutekano	Abashinzwe gutanga servisi bongerewe ubushobozi; Abana n'abagore bakunze guhohoterwa bongerewe ubufasha Gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina Kwimakaza umuco w'amahoro	Kubahiriza uburenganzira bw'abenegihugu bose; Ihohoterwa rishingiye ku gitsina riragabanuka

Imbonerahamwe isesengurirwamo ibirango

IKIGAMIJWE: Gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gi n'irikorerwa abana								
ISESENGURA RY'IBIRANGO	UMURON GO NGENDER WAHO	INKO MOKO	Ibigamijwe kugerwaho					
			Umw aka wa mber e	Um wak a wa kabi ri	Um wak a wa gata tu	Umw aka wa kane	Umw wa gata	
1. Abana n'abagore barinzwe itotezwa, ihohoterwa no gukoreshwa imirimo y'ingufu	Gutanga imibare		Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare
2. Abahohotewe bahabwa ubuvuzi, ubufasha bw'ibanze kandi bakarindirwa umutekano	Gutanga imibare		Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare
3. Abaturage bagira uruhare mu kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana	Gutanga imibare		Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare	Guta nga imibare

URWEGO	IKIRANGO	UMURONGO NGENDERWAHO	INKO MOKO	Intego				
				Umwaka wambere	Umwaka wabiri	Umwaka waganatatu	Umwaka wakanane	Umwaka waganatane
Mu rwego rwo kurengera no gutanga ubufasha	Umubare w'Uturere n'Imirenge bifite inzego n'abakozi bashinzwe kurengera, kwita no kuvura abahohotewe	Gutanga imibaremu gihe cy'igerageza n'icy'isese ngura	Raporo z'Uturere zohererezwa MINALOC	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare
	Umubare w'ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana byagaragajwe n'uko byakemuwe	Gutanga imibare	Raporo z'Uturere, iza Polisi n'iz'Ubushinjacyaha	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare
	Ijanisha ry'ingengo y'imari yagenewe kurwanya	Gutanga imibare	Isesengura ry'ingengo y'imari	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare

ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa rikorerwa abana				e				
Umubare w'ibikorwa by'abaturage bigamije gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana	Gutanga imibare mu gihe cy'igerageza n'icy'isesengura	Raporo z'Uture re zigenewe MINALOC	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare
Umubare wa gahunda, ingamba amategeko ,n'amabwiriza yemejwe arebana n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare

URWEGO	IKIRANGO	UMURO NGO NGEND ERWAH O	INKOMO KO	INTEGO					
Kwegereza abaturage servisi z'ibanze zo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana	Ijanisha ry'abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina bashoboye guhabwa servisi (mu butabera, ubuvuzi n'ubujyanama)	Gutanga imibare	Raporo z'isesengur a ry'igeragez a na burundu						
	Umubare w'abana bashoboye guhagararirwa mu nkiko	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutan ga imibar e	Gut ang a imi bar e	Gut ang a imi bar e	Gut ang a imi bar e	Gut ang a imi bar e	Gut ang a imi bar e

Umubare w'abakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana bishimiye servisi bahawe	Gutanga imibare	Anketi yakozwe , ibiganiro n'ibibazo bigomba gusubizwa	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare
Umubare n'ijanisha ry'abana n'abagore bahawe ubufashako kubakirwa 'amacumbi ahantu hafite umutekano n'ubundi buryo butandukanye bwo kurengerwa	Gutanga imibare	Raporo z'isesengurwa	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare
Umubare w'abana biga ku mashuri atanga servisi zo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina (Ibitabo birebana n'uburinganire bw'ibitsina, abarimu bahuguwe na club zirwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana)	Gutanga imibare	Raporo zashyikirijwe MINEDUC	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare

Ubumenyi rusange bw'abaturage mu kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana	Umubare w'ibikorwa by'Imidugudu, Utugari n'Imirenge bigamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana	Kubisobanura	Raporo z'Uturere zoherezwa muri MINALOC	Kubisobanurawe	Kubisobanura	Kubisobanura	TBD	TBD	
	Umubare w'ibigo by'amahugurwa bifite ubushobozi na gahunda zigenewe abagore	Gutanga imibare	Raporo z'Uturere zoherezwa muri MINALOC na MINICOM	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare
	Umubare w'abahungu n'abagabo bitabira ibikorwa byo gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana		Raporo z'Uturere zoherezwa muri MINALOC	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare
	Umubare w'amadini yinjiza kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana muri gahunda zayo		Imyitozo y'igerageza n'iy'isesengura	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare	Gutanga imibare

<p>Ubushoboz i bwa Guverinoma, imiryango itayegamiyeho n'abashinzwe gutanga za servisi</p>	<p>Umubare n'ijanisha by'abafatanyabikorwa batara inkunga ku buryo buziguye cyangwa butaziguye ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana cyane cyane mu rwego rwo kurengera, kuvura no gufasha abahohotewe</p>	<p>T Gutanga imibare</p>	<p>Imyitozo y'igerageza n'iyisesengur. Raporo z'Uturere zoherezwa muri MINALOC</p>	<p>Gutanga imibare</p>	<p>Gutanga imibare</p>	<p>Gutanga imibare</p>	<p>TBD</p>	<p>TBD</p>
	<p>Umubare w'Uturere n'igenabikorwa k'urwego rw'igihugu byinjije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana muri gahunda z'ibanze</p>	<p>Gutanga imibare</p>	<p>Ingamba za gahunda rusange y'igihugu. Gahunda y'iterambere ry'Uturere</p>	<p>Gutanga imibare</p>				

Isomo 4.2: Ikusanyamakuru, isesengura n'ikoreshwa ryayo

Hazigishwa uburyo bwo kwegeranya no gushungura amakuru mu Mudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere no mu rwego rw'igihugu. Aya makuru azakoreshwa mu:

Kugaragariza umusaruro za Komite zishinzwe kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina hamwe n'abafatanyabikorwa bagezeho,
Kurushaho kumenyekanisha mu nzego zose ibyemejwe mu gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina,
Gukora ubuvugizi hashakishwa inkunga y'abakozi n'ibikoresho,
Kuvugurura no guhuza gahunda y'ibikorwa mu rwego rw'igihugu hakurikijwe ibyavuye mu isesenguramakuru.

Inzego z'ikusanyamakuru n'itangazwa ryayo

Amakuru yegeranyijwe ku rwego rw'Umurenge, ashyikirizwa buri kwezi, Komite mpuzabikorwa ku rwego rw'Akarere;

Raporo z'amakuru ku rwego rw'Akarere zoherezwa kuri Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango buri gihembwe, kugirango zihuzwe kandi zisesengurirwe hamwe;

Izi raporo za buri gihembwe, zishyikirizwa Komite mpuzabikorwa y'igihugu ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana, zigakorera ubugororangingo, aho bibaye ngombwa igenamigambi rikavugururwa,

Amavugurura n'ubugororangingo byakozwe byoherezwa za Komite mpuzabikorwa ku Karere no ku Murenge bigatangira gukurikizwa.

Ubutumwa bw'ingenzi:

Ihuzabikorwa, Igenzura n'Isuzuma, ni inkingi yo kurwanya no gukumira ihohoterwa rishingiye ku gitsina, buri wese bireba akaba akwiye kubyitaho akabigiramo n'uruhare.

Umugereka wa 1: Ibibazwa mu isuzuma ry'amahugurwa

1. Mu nteruro imwe, aya mahugurwa ni ay'iki?
2. Mu nteruro imwe, abayitabiriye ni bande?
3. Mu nteruro imwe, aya mahugurwa yayobowe na bande?
4. Mwaba muzashyira mu bikorwa ibyo mwigiyeye muri aya mahugurwa?

Oya rwose, Sinabihamya,
Simbyizeye, Yego ndabona ahanini bishoboka, Yego rwose
Murabona iri tsinda rizashyira mu bikorwa ibyo ryize?

(Buri wese asubize)

Oya rwose, Sinabihamya,
Simbyizeye, Yego ndabona ahanini bishoboka, Yego rwose
Ni irihe somo muri aya mahugurwa **ryabanyuze kurusha ayandi?**
Ni irihe somo muri aya mahugurwa **ryababihiyeye kurusha ayandi?**
Ni irihe somo muri aya mahugurwa **ritumvikanaga** kuri wowe?

Urumva nawe washobora kuyobora amahugurwa ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina? Niba ari byo cyangwa atari byo ni ukubera iki? Habaye hari ibindi bitekerezo cyangwa ibyifuzo, twabyakira.

Umugereka wa 2: Urugero rw'ingengabihe

UMUNSI	IGIKORWA	IGIHE
UMUNSI WA MBERE	Kuhagera no kwiyandikisha ku bahugurwa	Kuva saa mbiri n'igice kugera saa tatu
	Ijambo ry'ikaze no kwibwirana	Kuva saa tatu kugera saa tatu na cumi n'itanu
	Intego z'isomo n'icyo abahugurwa baritezeho	Kuva saa tatu na cumi n'itanu kugera saa tatu na mirongo ine n'itanu
	Gushyiraho amategeko ngenderwaho	Kuva saa tatu na mirongo ine n'itanu kugera saa yine
	Isuzuma ry'ibanze	Kuva saa yine kugera saa yine n'igice
	Akaruhuko	Kuva saa yine n'igice kugera saa yine na mirongo itanu
	Ubusobanuro bw'ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa yine na mirongo itanu kugera saa sita
	Ubwoko/Ingeri z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa sita kugera saa saba
	Ikiruhuko no gufungura	Kuva saa saba kugera saa munani
	Isano iri hagati y'uburinganire n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina -Ubusobanuro bw'igitsina hungu	Kuva saa munani kugera saa cyenda n'igice
	Impamvu n'ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa cyenda n'igice kugera saa kumi na mirongo ine n'itanu
	Gusoza no kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko z'uwo muni	Kuva saa kumi na mirongo ine n'itanu kugera saa kumi n'imwe
UMUNSU WA KABIRI	Impungenge, ibibazo n'ibisubizo ku masomo yigishijwe ku muni wa mbere	Kuva saa tatu kugera saa yine
	Akaruhuko	Kuva saa yine kugera saa yine na

		makumyabiri
	Impamvu n'ingaruka z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa yine na makumyabiri kugera saa tanu n'igice
	Abakorerwa n'abakora ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa tanu n'igice kugera saa sita na cumi n'itanu
	Ibipimo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda no ku rwego mpuzamahanga/Ihohoterwa rishingiye ku gitsina nk'icyaha gihungabanya uburenganzira bwa muntu	Kuva saa sita na cumi n'itanu kugera saa saba
	Ikiruhuko no gufungura	Kuva saa saba kugera saa munani
	Amategeko k'urwego rw'igihugu no k'urwego mpuzamahanga	Kuva saa munani kugera saa cyenda na mirongo ine n'itanu
	Gusoza no kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko z'uwo muni	Kuva saa cyenda na mirongo ine n'itanu kugera saa kumi na mirongo ine n'itanu
UMUNSI WA GATATU	Impungenge, ibibazo n'ibisubizo ku masomo yigishijwe ku muni wa kabiri	Kuva saa tatu kugera saa tatu n'igice
	Ingamba zerekeranye no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa tatu n'igice kugera saa yine n'igice
	Akaruhuko	Kuva saa yine n'igice kugera saa tanu
	Ibirango by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa tanu kugera saa saba
	Ikiruhuko no gufungura	Kuva saa saba kugera saa munani
	Ikusanyamakuru, isesengura n'ikoreshwa ryayo	Kuva saa munani kugera saa kuni na cumi n'itanu
	Isuzuma ku mahugurwa	Kuva saa kumi na cumi n'itanu kugera saa kumi n'igice
	Gusoza	Kuva saa kumi n'igice kugera saa kumi na

		mirongo ine n'itanu
UMUNSI WA KANE	Impungenge, ibibazo n'ibisubizo ku masomo yigishijwe ku munsi wa gatatu	Kuva saa tatu kugera saa tatu n'igice
	Ingamba zerekeranye no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa tatu n'igice kugera saa yine n'igice
	Akaruhuko	Kuva saa yine n'igice kugera saa tanu
	Ibirango by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa tanu kugera saa saba
	Ikiruhuko no gufungura	Kuva saa saba kugera saa munani
	Ikusanyamakuru, isesengura n'ikoresywa ryayo	Kuva saa munani kugera saa kuni na cumi n'itanu
	Isuzuma ku mahugurwa	Kuva saa kumina cumi n'itanu kugera saa kumi n'igice
	Gusoza	Kuva saa kumi n'igice kugera saa kumi na mirongo ine n'itanu
UMUNSI WA GATANU	Impungenge, ibibazo n'ibisubizo ku masomo yigishijwe ku munsi wa kane	Kuva saa tatu kugera saa tatu n'igice
	Ingamba zerekeranye no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa tatu n'igice kugera saa yine n'igice
	Akaruhuko	Kuva saa yine n'igice kugera saa tanu
	Ibirango by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina	Kuva saa tanu kugera saa saba
	Ikiruhuko no gufungura	Kuva saa saba kugera saa munani
	Ikusanyamakuru, isesengura n'ikoresywa ryayo	Kuva saa munani kugera saa kuni na cumi n'itanu
	Isuzuma ku mahugurwa	Kuva saa kumina cumi n'itanu kugera saa kumi n'igice
	Gusoza	Kuva saa kumi n'igice kugera saa kumi na mirongo ine n'itanu

Umugereka wa 3: Ibitabo byifashishijwe

1. CARE, *GBV activist module*: Kigali: 2009
2. HAGURUKA, Etude sur l'application et l'impact de la loi no 22/99 relative aux régimes matrimoniaux, libéralités et successions sur les droits de la femme au Rwanda, Kigali, Octobre 2005
3. Inter-Agency Standing Committee, *Guidelines for Gender-based Violence Interventions in Humanitarian Settings, Focusing on Prevention of and Response to Sexual violence in Emergencies*, Geneva, September 2005)
4. L'Association Rwandaise pour la défense des Droits de la personne et des Libertés publiques, Etude sur la promotion de la loi organique n°10/2005 du 28/07/2005 portant régime foncier et les autres lois y relatives, Kigali 2006
5. Law No. 27/2001 of 28/04/2001 *Relating to Rights and Protection of the Child against violence*
6. MIGEPROF , *National Gender Policy*, July 2010
7. MIGEPROF-UNFPA, *GBV Mapping Study in Rwanda*, Kigali, 2007
8. MINECOFIN, *Economic Development and Poverty Reduction Strategy*, Kigali, 2007
9. MINECOFIN, *Vision 2020*, Kigali, November 2002
10. Ministry of Health, *Manuel de référence pour la prise en charge Clinique des victimes des violences basées sur le genre*, Kigali, 2008
11. Organic law N° 08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda
12. Republic of Rwanda, Gender Monitoring Office, *Assessment of intervention programs for gender based violence prevention and response*, Kigali, June 2010
13. Rwanda *National Constitution*, 4 June 2003, Kigali
14. The Law N° 22/99 of 12/11/1999 to supplement the Civil Code and to institute Part Five regarding matrimonial regimes, liberalities and successions (O.G. n° 22 of 15/11/19)
15. The law no 59/2008 on prevention and punishment of gender based violence.
16. UN Convention of the Elimination of All Forms of Discriminations Against Women (CEDAW) (1979)
17. UNICEF Training of Trainers on Gender-Based Violence Module

18. UNIFEM Baseline survey on sexual and gender based Violence in Rwanda, 2008 Kigali,2008
19. USAID Higa Ubeho (2011): GBV training of trainers Module for Rwanda Partner Organizations, Kigali Rwanda
20. Women's legal Right Initiative Rwanda Chemonics International (May 2006) *GBV Programming in Rwanda: Actors, collaborators, coordination, Kigali*